

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

ISHURI RITO RYA BIBILIYA



AGATABO ka Mirongo Itatu na Gatatu

IKIBWIRIZA CYO KU MUSOZI

UMURONGO KU MURONGO

(Matayo 5, 6 na 7)

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Iribuliro:

“Umwihereho wa Mbere wa Gikristo”

Matayo 4:23-5:1

Abantu benshi batajya banabeshya ko ari abayoboke ba Yesu bahamya inyigisho za Yesu Kristo zo mu “Kibwiriza cyo ku Musozi.” Abanyabwenge, abanyapolitiki, n’abasizi guhera cyera cyane bahamyaga amagambo y’inyigisho za Yesu kandi batazi uwabwirije icyo kibwiriza uwo ari we. Ntekereza ko nta mwandiko wo muri Bibiliya uvugwa cyane kandi usobanurwa nabi kurusha iyi nkuru ya Yesu tugiye kwiga.

Integuro y’Ikibwiriza Cyo Ku Musozi

Ni ngombwa ko tubanza kumenya integuro mbere yuko tumenya ibigize iyi nkuru ikomeye. Tumena ubusobanuro bwa Matayo bw’integuro iki kibwiriza cyabwiririjwemo iyo dusomye ngo:

“Yesu agenderera ab’i Galilaya hose, abigishiriza mu masinagogi yabo ababwira ubutumwa bwiza bw’ubwami, akiza n’indwara zose n’ubumuga bw’abantu. Inkuru ye yamamara i Siriya yose, bamuzanira abarwayi bose n’indembe barwaye

indwara zitari zimwe, n’abatewe n’abadayimoni, n’abarwaye ibicuri n’ibirema arabakiza. Abantu benshi baramukurikira bavuye i Galilaya n’i Dekapoli, n’i Yerusalemu n’i Yudaya no hakurya ya Yorodani. Abonye abantu benshi azamuka umusozi, maze kwicara abigishwa be baramwegera. Aterura amagambo ati.” (Matayo 4:23-5:1)

Hanyuma tugasoma igice cya gatanu, gatandatu na karindwi cy’Ubutumwa bwiza bwanditswe na Matayo, bugaragaza iyi nyigisho ikomeye cyane yigishirije muri iyi nteguro. Mbese wemera integuro iyi nyigisho ikomeye yigishirijwemo? Iyo nteguro nyita “Umwihereho wa Mbere wa Gikristo.” Iki ntabwo cyari ikibwiriza nk’uko tuzi ibibwiriza iyi minsi ahubwo yari inyigisho yigishijwe na Yesu mu cyo twakwita umwihereho wabereye hejuru y’umusozi. Yesu amaze imyaka itatu y’umurimo yakoze ari mu isi, yamaze amasaha ye ya nyuma mu cyumba cyo hejuru yihareranye n’intumwe ze yari yaratoranije ndetse yaratumye mbere yuko afatwa akabambwa ku musaraba. Yahatangiyeye ikiganiro kirekire cyane cyanditswe muri iyo nteguro.

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Iki kiganiro Yes

yagiranye n’abigishwa be nkita ‘Umwiherero wa Nyuma wa Gikristo.’ (Yohana 13-16) Mvuze ubusobanuro bwa Matayo bw’integuro y’uyu Mwiherero wa Mbere wa Gikristo. Yesu yakijije indwara zose z’abantu bari bazengurutse agasozi k’Inyanja ya Galilaya. Dushingiye ku byanditswe na Matayo, *“Inkuru ye yamamara i Siriya yose, bamuzanira abarwayi bose n’indembe barwaye indwara zitari zimwe, n’abatewe n’abadayimoni, n’abarwaye ibicuri n’ibirema arabakiza.”* (Matayo 4:24)

Handitse ko abari bazengurtse Inyanja ya Galilaya bari baturutse *“...i Galilaya n’i Dekapoli, n’i Yerusalemu n’i Yudaya no hakurya ya Yorodani.”* (25) Byabafashe hafi iminsi ine kwambuka Yorodani bakagera i Galilaya, aho Yesu yarimo gukiriza abantu bari barwaye.

Iyi minsi mu bihugu byinshi ibi bibazo babikozemo imishinga: abarwayi n’abari hafi yo gupfa, abafite uburwayi bwo mu mutwe, abasaza n’abacecuru, inkomere zo ku rugamba nta nubwo tuba tukibitayeho cyangwa tubatekereza. Ubwo Yesu

yateguraga umwiherero we, ibibazo byose mvuze byari muri rubanda nyamwinshi bari bazengurutse Inyanja ya Galilaya.

Iyo wize ukabona impamya bushobozi cyangwa ukajya mu mahugurwa yigisha uko waba umuyobozi mwiza, ubwirwa ko kugira ngo ube umuyobozi mwiza ugomba kumenya gusesengura, gutegura no gutanga inshingano, kugenzura, ndetse no gukorana umwete! Yesu yahisemo kudakiza aba bantu.

Yahamagaye bamwe mu bigishwa be kugira ngo bamusange ahantu hitaruye hafi y’agasongero k’imisozi yazamukaga ituruka mu Nyanja ya Galilaya. (Mariko 3:13) Ibi byacyiyemo rubanda nyamwinshi ibice bibiri, ari byo: abari muni y’umusozo bari bagize ikibazo. Hejuru y’umusozo hari abari kumwe na Yesu bashakaga kuba igisubizo cye cy’ibibazo cy’ibibazo byose byari muni y’umusozo.

Yesu yamenye ko ubwo yari yemeye inzitizi z’umubiri n’igihe gito yari aigaje hano ku isi, ntabwo yaribukemure ibyo bibazo

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

byose wenyine. Maze “arasesengura”, nubwo tuzi ko byari mu mugambi we uhereye na mbere ko azakoresha abantu b’abanyanteye nke mu Mugambi we. Nuko, maze ategura Umwiherero we wa Mbere. Mariko avuga ko Yesu ari we witangiye ubutumire bw’abagiye mu mwiherero, *“Atoranyamo cumi na babiri bo kubana na we, ngo abone uko ajya abatuma kubwiriza abantu ubutumwa.”* (Mariko 3:13,14)

N’ibyo bike, Yesu ategura uyu mwiherero, ikibazo yarimo kugaragaza cyari iki, “Mbese waba nawe uri ikibazo cyangwa uri igisubizo?” Umugambi wa Yesu kwari ukugira ngo yereke abitabiriye umwiherero we uko baba igisubizo cy’ibibazo by’ubuzima byose byari mu bantu bari muni y’umusozi.

Yohana avuga gakeya cyane ku nteguro y’uyu mwiherero. Yavuze ko ubwo imbaga y’abantu barimo gusanga Yesu ngo abakize, Yesu yicaranye n’abigishwa be hejuru y’umusozi. (Yohana 6:1-3) Yohana yanditse igitabo cy’ubutumwa yanditse imyaka myinshi nyuma y’aho Matayo na Mariko bandikiye ibitabo by’ubutumwa bwiza banditse. Ubanza yari azi ibyo Matayo yanditse, ariko kandi hari ibindi yarimo kwibandaho akaba ari yo mpamvu atavugaga cyane integuro y’iki kiganiro.

Matayo niwe utubwira byinshi ku nteguro n’ibigize Ikibwiriza cyo ku Musozi.

Hari umushakashatsi wahinnye integuro y’iyi nyigisho ikomeye yatangiye, atubwira ko Yesu yarimo gutanga ukuri gutatu gukomeye igihe yarimo gushyiraho integuro y’iki kibwiriza gikomeye. Yesu ahamagaye abigishwa be bakava muri iyo mbaga y’abantu kugira ngo bamubere igisubizo, tubona ikibazo kibaho iyo umuntu abaye Umukristo.

Imyumvire myiza umunani niyo kibwiriza n’umwirondoro w’imyitwarire y’Umukristo. Ingero ennye zikurikira imyumvire myiza, n’inyigisho yose ikurikiraho yo mu gice cya gatanu, gatandatu na karindwi bigaragaza ibibazo bibaho iyo imyitwarire ya Gikristo ihinduye umuco wa gipagani.

Hamwe n’iri ribuliro rigufiye, ndasaba Imana ko twese twajya mu ijamba ry’Imana kandi tukemerera ijamba ry’Imana kutujyamo. Ndabasaba ko mwasoma iki Kibwiriza cyo ku Musozi kuko nzi neza ko kiribuhindure ubuzima bwanyu nk’uko cyahinduye ubuzima bw’abacyumvise uwo muni bigatuma bahindura isi.

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Igice cya Mbere

Ibigize Ikibwiriza cyo ku Musozi

“Imyumvire yo Kuza”

(Matayo 5:3-6)

Yesu Kristo yabwiririje iki kibwiriza hejuru y’umusozi i Galilaya aho yahigiye abantu bavugaga ko ari abigishwa be kugira ngo bahagarare neza hagati y’urukundo rw’Imana n’akababaro k’abantu bo muri iyi barimo kubabara. Yashishikarije abigishwa be kwifatanya na we kugira ngo babe umuyoboro w’urukundo rwe. Yasoje ikibwiriza cye abahamagararira kwiyemeza. Arangije atoranya abagabo cumi na babiri bumvise ikibwiriza cye kugira ngo bamubere “intumwa”. Izo ntumwa zabayeho kandi zipfa zizira Yesu zirimo guhindurira abantu kuba abigishwa be ku isi yose.

Ubwo tumenye integuro iki kibwiriza cyabwiririjwemo, twiteguye kumenya ibigize iki kibwiriza gikomeye. Handitse ngo: *“Hahirwa abakene mu mitima yabo, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo. Hahirwa abashavura, kuko ari bo bazahozwa. Hahirwa abagwa neza, kuko ari bo bazahabwa isi. Hahirwa abafite inzara n’inyota byo gukiranuka, kuko ari bo*

bazahazwa.” (Matayo 5:3-6)

Yesu atangira yigisha abigishwa be imyumvire umunani, yitwa “Imyumvire myiza”, cyangwa “imyumvire ihirwa” kuko yose itangirwa n’ijambo “hahirwa”. Yesu yasezeranije guha umugisha umwigishwa ufite buri umwe wo muri iyi myumvire. Iri jambo “hahirwa” hari ubwo risobanura “hishimye”, “gutera imbere mu mwuka”, cyangwa “kuba mu gihe cy’ubuntu”. Buri myumvire kandi igira isezerano risobanura uko uwo mugisha uza mu buzima bw’umwigishwa.

Iyi myumvire myiza ihirwa uko ari umunani isobanura imitekerereze umwigishwa wa Yesu agomba kugira. Integuro yigishirizamo iyi myumvire isobanura ko iyi myumvire y’ubuzima yatuma abigishwa be baba igisubizo cya Kristo mu bantu bose bo mu isi bahagarariwe na rubanda nyamwinshi bari muni y’umusozi.

Nk’abigishwa ba Yesu, iyo duhisemo ko dushaka kuba igisubizo aho gukomeza kuba ikibazo, ikintu cya mbere tugomba gukora ni ugusoma iyi myumvire kugeza ubwo tuyumvise hanyuma dufate umwanzuro wo kuyishyira mu

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

bikorwa mu buzima bwacu umunsi ku munsi. Wibuke ko nk'uko twize mu nteguho y'iki kibwiriza, iyi myumvire ni ikiwiriza. Inyigisho ye ikurikiraho ni ishyira mu bikorwa ry'iki kibwiriza cye, cyangwa iyi myumvire.

Nyuma muri iki kiganiro Yesu avuga ko imyumvire mizima niyo itandukanya ubuzima bwuzuyemo umucyo (kwera, ukuri, n'ibyishimo), n'ubuzima bwuzuyemo umwijima, cyangwa kutanezerwa (Matayo 6:22, 23). Yongera gusobanura ko iyo ubuzima bwacu bwuzuyemo umwijima bitewe n'uko dufite imyumvire mibi, ubuzima bwacu bwakwijima cyane, kandi kutanezerwa kwacu kwaba kwinshi.

Twanakongeraho ko iyo abantu nka Adolf Hitler, Joseph Stalin, cyangwa abandi bayobozi babi bakoze jenocide kuko bafite imyumvire mibi, ibyo bizana umwijima mwinshi cyane mu buzima bw'abantu benshi cyane. Ni cyo cyatumye Yesu abwiriza kandi agashyira mu bikorwa mu Mwiherero we wa Mbere icyo twakwita, "Gusuma uherye mu ijosi uzamura."

Imyumvire yo Kuza

Imyumvire umunani ishyirwa mu bice bibiri by'imyumvire ine ine. Muri Bibiliya yose, hari ubutumwa bugaragara iyo Imana irimo guhamagara abayobozi b'umurimo wayo.

Abo bayobozi bafite icyo twakwita, "ibikorwa byo kuza" na "ibikorwa byo kugenda". Bagira kuza ku Mana kwiza mbere yuko bagira kugendera Imana gutanga umusaruro. Imyumvire myiza ine ya mbere igaragaza imyumvire yo kuza ku Mana, hanyuma imyumvire myiza ine ya kabiri igaragaza imyumvire yo kugendera Imana cyangwa gutumwa n'Imana.

Hari ibintu nk'ingabire bikurizwa mu rwiherero, ariko imyitwarire yakurizwa mu ruhamwe rw'abantu, cyangwa iyo tubana n'abandi. Imyumvire ine ya mbere itererwa imbere hejuru y'umusozo, cyangwa mu cyo Yesu nyuma yita "icyumba" cyacu cyangwa mu mwiherero n'Imana (Matayo 6:6) Twiga kandi tugateza imbere imyumvire ine ya mbere mu mubano wacu n'Imana gusa, ariko imyumvire ine ya kabiri igomba kwigirwa no guterezwa imbere mu mubano wacu n'abantu.

Gukena Mu Mutima

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Imyumvire myiza ya mbere Ni, “ Hahirwa *abakene mu mitima yabo, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.*” (Matayo 5:3) Imyumvire ya mbere y’uhirwa ifitanye isano n’ikibazo abayobozi b’idini babajije Yohana Umubatiza bati, “Uri nde?” (Yohana 1:22) Nitutigiraho imyumvire cyangwa imitekerereze myiza, ntabwo tuzigera tuba igisubzo cy’Imana.

Isezerano risobanura umugisha uzanwa n’iyi myumvire mu buzima bw’umwigishwa wa Yesu rivuze ko twagize Yesu Kristo Umwami wacu, Umukiza wacu n’Umutware wacu. Kuba mu bwami bw’Imana ni ubundi buryo bwo kuvuga ko turi abayoboze b’Umwami w’Abami n’Umutware w’Abatware- uwo ni we gisubizo. Iyi niyo myumvire ya mbere tugomba kugira niba dushaka kuba igisubizo Yesu ashaka guha abantu bo muri iyi si akoresheje abigishwa be.

Abasomyi batubwira ko amagambo “gukena mu mutima” byanasobanura “kumeneka mu mutima.” Bivuze ko iyi myumvire isobanura kumeneka, ikintu tujya tubona mu buzima bw’abahamagarwa n’Imana akabategurira gukora umurimo mwiza.

Nusoma Bibiliya, witegereze uko Imana yigisha iyi myumvire ya mbere abo ihamagarira gukora umurimo ukomeye kubw’icyubahiro cyayo. Urugero, Yakobo yaravunitse ubwo yakiranaga na marayika ijoro ryose. (Itangiriro 32:24-32)

Abantu nka Yakobo, Mose n’Intumwa Pawulo bagombye kwiga amasomo atatu igihe Imana yarimo kubagira abakene bo mu mitima: Bamenye ko ari nta cyo bari cyo; bamenya ko hari icyo bari cyo, maze bamenya icyo Imana yakoresha umuntu wamenye ko ari nta cyo ari cyo. Ijambo ryamamaye cyane risobanura iyi myumvire ya mbere Yesu yigishije ni: “Uhabwa umugisha iyo ugeze ku iherezo ry’umuguzi wawe. Mu guca bugufi kwawe Imana igaragara cyane n’ubutegetsu bwayo.” (5:3)

Mu ijambo rimwe gusa, imibereho y’ubukene bwo mu mutima ni uguca bugufi. Guca bugufi ni ingingo igoye gusobanukirwa. Niba utekereza ko uca bugufi, wasanga udaca bugufi. Hari itorero ryigeze guha umushumba wa ryo umudari wo guca bugufi ariko baza kuwumwaka kuko yawambaraga buri Cyumweru! Tugaragaza ko dusobanukirwa guca bugufi iyo dusenze ngo: “Mana, ntabwo ari jye gisubizo. Ntan’ubwo

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

nakwikemurira ibibazo byanjye, ubwo rero ntabwo nakemura ibibazo by'abandi bantu. Ariko ubu nzi yuko wowe ushoboye! Ni wowe gisubizo cyabo. Iyo uri muri jye, kandi nkagirana umubano nawe, ubwo mbona ubushobozi bwo kuba umuyoboro n'igikoresho unyuzamo igisubizo cyawe iyo mbana n'abantu mu mibazo bafite.”

Abashavura

Imyumvire ya kabiri y'uhirwa ni: *“Hahirwa abashavura, kuko ari bo bazahozwa.”* (5:4) Yesu arimo kuduha inyigisho yerekeye ku ndangagaciro. Mbese tujya twumva ko duhirwa iyo dushavuye? Nyamara Yesu adusezeranya neza umugisha ukomeye n'ihumure mu gihe cyo gushavura. Akora ibyo, yarimo kuvuga indangagaciro abashavura bagira!

Salomo, wari umunyabwenge cyane mu babayeho bose, yemeranijwe na Yesu ubwo yagira ati: *“Kujya mu rugo rurimo imiborogo biruta kujya mu rugo rurimo ibirori, kuko ibyo ari byo herezo ry'abantu bose, kandi ukiriho azabihorana ku mutima we. Agahinda karuta guseka, kuko agahinda kagaragaye mu maso kanezeza umutima. Umutima*

w'abanyabwenge uri mu nzu y'imiborogo, ariko umutima w'abapfapfa uri mu nzu y'ibyishimo. ...Ku munsu w'amahirwe ujye wishima, no ku munsu w'amakuba ujye utekereza yuko Imana ari yo yaremye byombi, ikabibangikanya, kugira ngo umuntu atazabona ibizaba mu nyuma ze.” (Umubwiriza 7:2-4,14)

Mu yandi magambo, *“Hahirwa abashavura.”* Salomo yaranditse avuga ko ari ibintu bikomeye iyo tugiye ku kiriyo tukabona umubiri w'uwo dukunda wavuye muri ubu buzima. Biratubabaza cyane kuko tuba dutekereza igihe natwe imibiri yacu izaba igiye gushyingurwa. Salomo arimo kwigisha ko indangagaciro zacu zihwana n'iz'Imana ishaka kutwigisha iyo turi ku kiriyo. Ubwo rero ni byiza kujya ku kiriyo kuruta kujya mu birori.

Hari ubwo Abakristo bagira imyemerere idahwitse ko nibagaragaza ibimenyetso byo kurizwa no kubabazwa n'urupfu rw'umukunzi ubwo baba bafite kwizera gukeya. Yesu yagiye ku kiriyo cy'umuntu yakundaga wari wapfuye ararira cyane maze rubanda nyamwinshi baravuga bati, “Yesu ararira. Abayuda baravuga bati “Dore ye, nimurebe uburyo

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

yamukundaga!” (Yohana 11:35, 36) Ubusobanuro bw’ibanze ndetse n’ishyira mu bikorwa ry’iyi myumvire ya kabiri ni uko tutagomba gucubya akababaro kacu.

Pawulo yavuze ko iyo dupfushije abo dukunda bari barakijijwe ntabwo tugomba kubabara nk’abatizera badafite ibyiringiro byo kuzongera kumubona. (1 Abatesalonike 4:13) Igihe Dawidi yapfushaga umwana, yagaragaje ibyiringiro n’akababaro ko kurira k’uwizera Imana ubwo yavugaga ati, *“Nzajya aho ari we ntabwo azagaruka aho ndi.”* (2 Samweli 12:23) Ibyiringiro byacu ni uko tuzabona uwo twakundaga wapfuye yarakiriye Yesu Kristo nk’Umukiza n’Umwami w’ubugingo bwe. icyakora, gushavura cyangwa kubabara kwacu gushingira ku kuri kutakwirengagizwa ko tuzabaho ubundi buzima bwacu bwose tutari kumwe n’uwo twakundaga.

Niba dushaka kumenya umugisha n’ihumire Yesu yadusezeraniye mu gihe cy’akababaro, tugomba kwemerera Imana igakoresha akababaro kacu kutugeza ahantu hatatu: Mbere na mbere, tugomba kwemerera akababaro kacu kutugeza ahantu twabariza ibibazo bitatu. Yenda ku nshuro ya mbere mu buzima bwacu tukabaza ibibazo bikwiriye. Hari

abantu benshi babaho ubuzima bakarinda bitaba Imana batarigeze babaza ibibazo bikwiriye. icyakora, hari ibibazo Imana ishaka ko tubaza igihe turimo kubabara cyangwa gushavura.

Yobu ni urugero rwiza rw’ibi. Yapfushije abana cumi, atakaza imitungo ye yose ndetse n’ubuzima bwe bumera nabi cyane. Muri icyo gihe cyose cy’amakuba ya Yobu, yemerewe kurira no gushavura kwe kumugeza aho yabaza ibibazo bikwiriye. Yabajije ibibazo bikomeye nka: *“Ariko umuntu we arapfa akagendanirako, ni ukuri umwuka w’umuntu urahera. Ubwo akaba ari he? Umuntu napfa azongera abeho?”* (Yobu 14:10, 14) Izi ni ingero z’ibibazo Imana ishaka ko tubaza.

Ahantu ha kabiri Imana iba ishaka ko tugera igihe turimo kubabara no gushavura ni ahantu twumvira ibisubizo byayo by’ibibazo bikwiriye. Yobu yaboneye igisubizo gikomeye ikibazo cye mu gihe kiruhije cyane cyo kubabazwa kwe ubwo yabonaga iyerekwa rya Mesiya. Yaratatse ati, *“Ariko jye ubwanjye nzi yuko Umucunguzi wanjye ariho, kandi ko amaherezo azahagarara mu isi.”* (Yobu 19:25)

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Hari ubwo Imana itaduaha iyerekwa rikomeye nk'uko yarihayeho Yobu, ariko Bibiliya yuzuyemo ibisubizo byayo by'ibibazo bikwiriye. Zaburi nkunda cyane ni Zaburi y'Umwungeri Dawidi (Zaburi 23) aho nsanga ibisubizo byinshi.

Yesu yaduhaye igisubizo gikomeye ubwo yajyaga muri cya kiriyo aho yaririye cyane. Bahagaze iruhande rw'imva, Yesu yahize undi warimo kurira amubwira aya magambo ati: *“Ni jye kuzuka n'ubugingo, unyizera n'aho yaba yarapfuye azabaho, Kandi umuntu wese ukiriho unyizera ntazapfa iteka ryose. Mbese wizeye ibyo?”* (Yohana 11:25, 26)

Ikibazo Yesu yabajije ari iruhande rw'imva kituganisha ku buryo bwa gatatu Imana ishaka kutugeza ku mugisha wasezeranijwe na Yesu igihe turimo gushavura cyangwa kubabara, ari bwo ubu: Niba dushaka kubona umugisha w'Imana n'ihumure Yesu yasezeranije abashavura, tugomba kwemerera gushavura kwacu kukatugeza ahantu twizera kandi tukiringira ibisubizo by'Imana by'ibibazo bikwiriye.

Iyo twemeye ibisubizo by'Imana by'ibibazo bikwiriye, tumenya ko umugisha n'ihumure Yesu yasezeranije abashavura

ari icyo Bibiliya yita “Agakiza.” Iri jambo risobanuye “Gucungurwa”. Twabona gucungurwa kw'ibanze kw'agakiza cyangwa gucungurwa dukeneye ducungurwa mu gahinda n'akababaro. Twagira ibihe byiza cyane mu buzima bwacu akababaro kacu karamutse gatumye tubaza, dutega amatwi kandi twemera cyangwa twizera.

Integuro y'iyi nyigisho ihishura ubundi busobanuro n'ishyira mu bikorwa ry'iyi myumvire myiza ya kabiri. Umugambi wa Yesu kuri uyu mwiherero ni: “Nimurebe muni y'umusozi. Murabona bariya bantu bese bahari? Bose barababaye. Utekereza ko wabasanga ukababera igisubizo cy'ibibazo n'ibyago ariko ntiwikomeretse?” Ijambo “impuhwe” risobanuye “kwishyira mu cyimbo cya.” Ni gute wakwishyira mu cyimbo cy'abarimo kubabara niba utarigera ubabara?

Hari umuntu wigeze kuvuga ati, “Umuvugabutumwa ni umuntu usabiriza ubwira undi muntu usabiriza aho umutsima uri.” Umukiza wakomeretse, wababajwe ariko agahumurizwa n'Imana ni, “Umutima ubabaye ubwira undi mutima ubabaye uhumuriza uwo ari we ndetse n'aho ari.” Abantu benshi bakubwira ko bizeye Imana kandi bari bazi Imana, ariko

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

ntabwo bari bayizi neza mbere yuko bahura n'ibyago cyangwa akababaro bahumurizwamo n'Imana gusa. Iyo basunikiwe kumenya umuhumuriza, bagiranye umubano n'Imana.

Hari umvugo izwi cyane isobanura neza cyane iyi myumvire ya kabiri. Igira iti: “Urahirwa iyo wumva watakaje ikintu cyangwa umuntu ukunda cyane. Ubwo nibwo bwonyine wahoberwa n'uwagaciro cyane ku buzima bwawe.” (Matayo 5:4)

Hari ikindi gitekerezo tubona muri iyi myumvire ya kabiri iyo tuyihuje n'imyumvire ya mbere. Dushavura iyo turimo kwiga ko turi abakene bo mu mutima. Gutinya kunanirwa cyangwa gutsindwa kubuza amahoro kandi kuyobora abantu benshi kuko kunanirwa no gutsindwa bibabaza cyane. Dushavura iyo twananiwe cyangwa twatsinzwe. Ariko kunanirwa no gutsindwa k'umuntu ni igikoresho Imana ikunda gukoresha kugira ngo itwemeze ko ari nta cyo twashobora tudashobojwe na yo. Mose na Petero barimo gushavuzwa cyangwa kubabazwa n'ibintu bibabaje byababayeho ubwo barimo kwiga ko ari abakene bo mu mutima mbere yuko Imana ibakoresha mu buryo bukomeye cyane.

Abagwa neza

Indi myumvire y'uhirwa Yesu atubwira irebana n'ibyo dushaka. *“Hahirwa abagwa neza, kuko ari bo bazahabwa isi.”* Kugwa neza ni iki? Ubanza kugwa neza ari yo myumvire yumviranwa kandi ikoreshwa nabi mu myumvire myiza umunani yose. Kugwa neza ntabwo ari intege nke. Twumva yesu avuga ati, “Ndi umugwa neza.” (Matayo 11:29) Iyo umenye Yesu Kristo uko ibyanditswe bimuvuga, ubona ko atari umugwa neza mu buryo bwo kuba ari nta gaciro yari afite cyangwa yari umunyantege nke.

Isezerano rya Kera rivuga Mose ko Mose yari umugwaga neza kurusha abantu bo ku isi bose. (Kubara 12:3) Iyo usomye Isezerano rya Kera ukamenya Mose, mbese ubona ari umugabo w'umunyantege nke? Yesu ntabwo yari umunyantege nke na Mose ntabwo yari umunyantege nke kuko bari abagwa neza.

Twasobanukirwa iri jambo ryo muri Bibiliya “kugwa neza” turamutse dutekereje ifarashi y'imbaraga nyinshi cyane. Ni inyamaswa ifite imbaraga nyinshi kandi igira umwete mwinshi. Abahanga bayambika icyuma ku mutwe, bakayiseseka icyuma

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

mu kanwa bitwararaitse cyane. Iyo barangije bayisasaho imyenda ku mugongo. Iyo bageze aho ifarashi yemera icyuma cyo mu kwanwa ikemera kuyoborwa na cyo, ndetse n’umuntu uyicayeho, iyo ubushake bw’iyo farashi buyobowe, iyo farashi iba ikiri inyambaraga, ariko iba yaguye neza.

Ubwo Sawuli w’i Taruso yahuraga na Kristo wazutse mu nzira ajya i Damasiko, dore uko Umwami yabajije Sawuli: “Undenganiriza iki? Biragukomereye gutera imigero ku mihunda?” (Ibyakozwe 9:4, 26:14) Ariko ubwo Sawuli w’i Taruso yabazaga ati, “Ngire nte, Mwami?” yari yemeye kuyoborwa n’icyuma, hamwe n’ibindi bintu, byari ubushake bwa Kristo ku buzima bwe. Ubwo ni bwo Sawuli w’i Taruso yabaye umugwa neza kandi icyo ni cyo ubugwa neza buvuze.

Yesu yavuze ati, *“Ndi umugwaneza” igihe yarimo gutanga ubutumire bukomeye cyane, bugira buti: “Mwese abarushye n’abaremererewe nimuze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwa neza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n’umutwaro wanjye utaremereye.”* (Matayo 11:28-30)

Ururimi rwa mbere ubu butumire bwatanzwemo rugaragaza ko aya magambo yabwiwe abantu bakoraga cyane bakaruha kugira ngo bashobore imitwaro yabo iremereye. Mu butumire bwe, Yesu yatumiye abantu bari bafite imitwaro ibaremerereye kugira ngo baze bamenye Umutwaro we, Umutima we n’Ikigoyi cye.

Yashakaga ko bamenya ko umutwaro we utaremereye. (Ibi biratangaje kuko yari ateruye isi ku bitugu bye.) Yashakaga ko bamenya ko umutima we uciye bugufi kandi ugwa neza kandi yashakaga kubigisha ko ikigoyi cye ari cyo gituma umutwaro we utaremera n’ubuzima bwe bukoroha.

Ikigoyi ntabwo ari umutwaro. Ikigoyi ni icyuma gishoboza inyamaswa nk’ibimasa bihinga gukurura umutwaro uremereye. Benshi muri twe twabonye ibigare birunzeho imitwaro iremereye cyane birimo gukururwa n’ikimasa. Ikigoyi ni cyo gishoboza inyamaswa y’inyambaraga cyane kuyoborwa ku buryo ikimasa gikurura umutwaro uremereye.

Uru rugero rwiza kandi rukomeye rusobanura kugwa neza. Imyumvire myiza ya gatatu yo kugwa neza isobanuye

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

imbaraga ziyobowe. Avuga ibyo, Yesu yarimo kuvuga ngo: Nemera ikigoyi cy'ubushake bwa Data buri muni. Wibuke yuko yavuze ngo, *"Mpora nkora ibyo ashima."* (Yohana 8:29) icyo ni cyo kigoyi Yesu yari yambaye. Yagandukiye ikigoyi cya Data kandi yayoborwaga na Data ijana ku ijana igihe cyose. Iyi ni yo myumvire yo kugwa neza Yesu yigishije abigishwa be.

Ikigoyi gikwiriye neza mu ijosi, kandi cyabaga cyabajwe neza n'umubaji mwiza, cyoroshyaga ubuzima bw'inyamaswa; cyatumaga umutwaro woroha. Umubaji nka Yesu agomba kuba yarabazaga ibigoyi bikwira neza, byabaga bibajwe neza imbere kugira ngo bitabangamira inyamasa. Yesu yigisha imyumvire myiza yo kugwa neza kuko yari asobanukiwe ko Ikigoyi yambaraga buri muni cyatumaga umutwaro woroha n'ubuzima bukoroha kuri abo barimo gukirana n'ubuzima kuko badafite ikigoyi.

Iyo Yesu yigisha imyumvire ya gatatu, aba agira ati: "Hari uburyo bwiza wabaho ubugingo bwawe. Nubaho nk'uko mbayeho, uzabona ko utazaremererwa, utazaruha, ndetse ntabwo uzakora cyane kugira ngo ushobore kwikemurira

ibibazo." Yarimo kuvuga ngo, "Fata ubuzima uko mbufata. Niwemera ikigoyi cyange cyo kugwa neza, uzabona ko kizoroshya ubuzima bwawe kandi kizatuma umutwaro wawe woroha n'ubwo waba ufite ibibazo byinshi cyane.

Mu ncamake, yarimo kubwira abantu bari hejuru y'umusozi ati, "Bari bantu bari muni y'umusozi barimo gutotezwa kuko batazi uko bakurura umutwaro w'ubuzima. Ntabwo bashoboye gukurura umutwaro kuko ari nta kigoyi bafite. Ariko nimwatura indangagaciro zange, ukabaho ubuzima bwawe ufite imyumvire yange, kandi utozwe n'ibintu byo mu mwuka nzakomeza kukwereka uko unkurikira, hari ikintu uzamenya ku mutwaro wange, umutima wange n'ikigoyi cyange bizaguha kuruhuka mu bugingo bwawe."

Kugwa neza ni igikorwa cyo gushaka kwacu cyangwa ubushake bwacu. Isezerano rya Yesu rijyana n'iyi myumvire y'uhirwa ni uko umwigishwa ugwa neza azaragwa isi. Ibi bivuze ibintu bibiri, ari byo: (1) Tuzi yuko umwigishwa wa Yesu agomba kuba afite imyitwarire myiza, kandi (2) umwigishwa wa Yesu ufite imyitwarire abona byose iyo afite ikigoyi cya Yesu na Data mu muzima bwe buri gihe.

Abafite Inyota n'Inzara Byo Gukiranuka

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Imyumvire ya kane y’uhirwa ni: *“Hahirwa abafite inzara n’inyota byo gukiranuka, kuko ari bo bazahazwa.”* (Matayo 5:6) Iyo tugwa neza, cyangwa iyo tuvuga ko Yesu ari Umwami wacu kandi tukagandukira ubuyobozi bwe, Yesu avuga ko ubwo ari bwo tugomba kugira inzara n’inyota byo gukiranuka.

Ubu turabibona ko hari ubufatanye mu myumvire, yanditse mu buryo bw’inyabubiri, cyangwa inyabutatu. Dushavura iyo twiga kuba abakene bo mu mitima kandi nituba abagwa neza tuzasonza kandi tunyotere gukiranuka. Gukiranuka ni ugukora ibikwiriye. Gusonza no kunyotera gukiranuka ni ugusonza no kunyotera gukora ibikwiriye- cyane cyane kumenya ibigukwiriye.

Pawulo akimara kuba umugwa neza ari mu nzira ijya i Damasiko, yahise ashaka kumenya igikwiriye gukorwa. Ubwo yitaga Yesu “Umwami” maze akabaza Umwami we icyo yifuza ko akora, ntabwo yarimo kugaragaza ubugwa neza gusa. Yarimo no kugaragaza icyo bivuze kugira inzara n’inyota byo gukiranuka.

Ubusobanuro bw’umujinya ukiranuka, cyangwa uburakari bwa

Yesu dusoma mu bitabo by’ubutumwa bwiza ni uko ibyo abakuru b’idini bakoraga mu Ngoro y’Imana byaro binyuranye n’ibikwiriye. Itegereze ishyaka Yesu yari afite ryo gukora ubushake bwa Data. Kandi umenye ko ishyaka ryo gukora ibikwiriye rigizwe n’ishyaka ryo gucyaha no gukosora ibyakozwe nabi.

Muri iki kibwiriza cyo ku musozi, itegerezemo uko Yesu yashimangiye umumaro w’ingenzi wo gukiranuka: Imyumvire myiza ya nyuma ni, *“Hahirwa abarenganirijwe gukiranuka, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.”* (Matayo 5:10) Hari imyumvire ibiri mu myumvire umunani yose ivuga ku bukiranutsi. Nyuma aza kuvuga muri iki gice ati: *“Kandi ndababwira yuko gukiranuka kwanyu nikutaruta ukw’abanditsi n’ukw’Abafarisayo, mutazinjira mu bwami bwo mu ijuru.”* (5:20)

Knadi no ku itangiriro ry’igice cya gatandatu Yesu yaravuze ati: *“Mwirinde ntimugakorere ibyiza byanyu imbere y’abantu kugira ngo babarebe.”* Mu cyiciro cya kabiri cy’igice cya gatandatu yigisha indangagaciro. Yanzura inyigisho ye yigisha ku ndangagaciro ubwo yavugaga indangagaciro igomba

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

guhambwa ibanze, ari yo: *“Ahubwo mubanze mushake ubwami bw’Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibyo byose muzabyongererwa.”* (6:33)

Isezerano rigendana n’iyi myumvire ni uko umwigishwa izahazwa ubukiranutsi agirira inzara n’inyota. Uririmi rwa mbere iki cyanditswe cyanditswemo, ari rwo ururimi rw’Ikigiriki, ruvuga ko bazahazwa ubukiranutsi kugeza ubwo bubaniga. Ibi na none bivuze ko bazuzuzwa Umwuka Wera, Umwuka ukiranuka kandi bazuzura inzara n’inyota byo kumenya icyo yifuzaga ko bakora.

Itegereze ko iyi myumvire itavugaga ngo *“Hahirwa abafite inzara n’inyota byo kwishima kuko bazashimishwa cyane.”* Ntabwo ari, *“Hahirwa abafite inzara n’inyota byo kunyurwa.”* Nta n’ubwo ari, *“Hahirwa abafite inzara n’inyota byo gutunga, kuko bazatunga cyane.”* Iri ntabwo ari ryo sezerano risezeranywa hano. Imyumvire iravugaga ngo, *“Hahirwa abafite inzara n’inyota byo gukiranuka.”* Hanyuma isezerano ni uko bazahazwa gukiranuka n’ishyamba ryo gukora ibikwiriye cyangwa ibikiranuka.

Abantu bakomeye barwanije ibikorwa by’ihohoterwa ry’inyoko muntu, nk’abahagaritse ubucakara, bari abigishwa ba Yesu bakomeye. Bari buzuye inzara n’inyota y’ibikwiriye ariko kandi bari buzuye ishyamba ryo kurwanya ibidakwiriye. Abatsindiye ibihembo by’amahoro ku isi nka Martin Luther na Nelson Mandela bagaragaje inzara n’inyota byo gukiranuka ubwo bavuzaga induru y’amahoro barwanya ihohoterwa riteye n’irondo bwoko. Nukora ubushakashatsi ku ijamba gukiranuka muri Bibiliya, uzabona ko Yesu yarimo gukomeza guhamanya n’ibyanditswe ubwo yashimangiraga ko umwigishwa wuzuye ubukiranutsi arwanya gukiranirwa cyangwa ibikorwa byo gukiranirwa.

Umwe mu mringo nkunda cyane ivugaga ku gukiranuka ni: *“Mutambe ibitambo mukiranutse, kandi mwiringire Uwitaka.”* (Zaburi 4:5) Umwanditsi wa Zaburi yananiwe kuryama ngo asinzire kuko yari umugabo w’umunyamwuka wakoraga icyoroheje aho gukora igikwiriye. Afata umwanzuro ko agiye gutamba ibitambo bishoboka byose kugira ngo akore ibikwiriye. Ubwo bwonyine nibwo yashoboye kugira amahoro kandi akaryama akaruhuka. icyamuteye kugenza atyo ni uko

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

yari azi ko agoswe n’abantu bashaka ikintu kiza. Bashaka umuntu wakora ikintu gikwiriye aho gukora ikimworoheye.

Iyo Yesu arimo gushimangira ubunyangamugayo n’ubukiranutsi bw’abigishwa be, aba arimo kuvuga ko impamvu imwe rukumbi ituma abantu bari munsu y’umusozi bafite akababaro kandi batishimye ari uko bakora icyo abantu bose bakora. Barimo gukora ikiboroheye aho gukora igikwiriye.

Undi murongo ngira ngo mvuge mu mirongo myinshi ivuga ku bukiranutsi uvuga ko ubwoko bw’Imana bugomba kwitwa *“Ibiti byo gukiranuka byatewe n’Uwiteka ngo bimuheshe icyubahiro.”* (Yesaya 61:3)

Ni gahunda y’Imana, ubwo rero ni umugambi wa Yesu kuri uyu mwiherero guhamagara abigishwa bazaba umuyoboro w’ubukiranutsi igihe bazaba basubira muri rubanda nyamwinshi bari munsu y’umusozi bahagarariye abantu bazimiye bo muri iyi si. Yashakaga ko abigishwa be baterwa muri iyi si nk’ibiti byo gukiranuka byatewe ngo biheshe icyubahiro Uwiteka.

Igice cya Kabiri

“Imyumvire yo Kugenda”

(Matayo 5:7-12)

“Hahirwa abanyambabazi, kuko ari bo bazazigirirwa. Hahirwa ab’imitima iboneye, kuko ari bo bazabona Imana. Hahirwa abakiranura, kuko ari bo bazitwa abana b’Imana. Hahirwa abarenganirijwe gukiranuka, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.”

“Namwe muzahirwa ubwo bazabatuka bakabarenganya, bakababeshyera ibibi byinshi babampora. Muzanezerwe, muzishime cyane kuko ingororano zanyu ari nyinshi mu ijuru, kuko ari ko barenganyije abahanuzi ba mbere.” (Matayo 5:7-12)

Kurira Umusozi

Umwe mu banditsi nkunda cyane yaranditse avugako imyumvire myiza imeze nko kurira umusozi. Yaravuze ati: Imyumvire ibiri ya mbere y’uhirwa- abakene bo mu mitima no gushavura, iratuzamura ikatugeze muri kimwe cya kabiri cy’umusozi. Kugwa neza kutugeza muri bitatu bya kane

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

by'umusozi, hanyuma gusozwa, kunyoterwa no guhazwa ubukiranutsi bikatugeza hejuru y'umusozi. Mu yandi magambo, twurira umusozi turimo kwiga imyumvire yo kuza.

Iyo umwigishwa amenye imyumvire imugeza hejuru y'umusozi, aba muntu ki mbere yuko atangira kumanuka ajya ku rundi ruhande rw'umusozi maze akamenya imyumvire yo kugenda Kristo ashaka kumwigisha? Kuko bamaze guhazwa gukiranuka, mbese bameze nk'Abafarisayo? Baba bareba abantu maze bakababwira ibyanditswe bicira urubanza abo bazi? Imyumvire yo kugenda izasubiza ibi bibazo.

Abanyambabazi

“Imyumvire ya gatanu y'uhirwa ni, 'Hahirwa abanyambabazi, kuko ari bo bazazigirirwa.’” (5:7) Ijambo imbabazi risobanuye, “urukundo rutagira icyo ruca.” Iyo Dawidi yanditse ati imbabazi z'Uwiteka zizanyomaho iminsi yo kubaho kwe yose, ijambo “komeka” rivuze “gukurikira.” Dawidi yari azi neza ko urukundo rw'Imana ruzamwomaho iminsi yo kubaho kwe yose. (Zaburi 23:6)

Ibyago byo guterwa no gusenywa n'Abanyababuloni bimaze

kuba ku Bayuda, Yeremiya nibwo yanditse Amaganya ye. Arimo kwandika, yagize iyerekwa. Imana yamumenyesheje ngo, “Ntabwo njya ndekeraho gukunda ubwoko bwanjye!” Arangije yandika ko imbabazi n'ibambe ry'Uwiteka biba bishya uko bukeye. (Amaganya 3:22-23)

Umurongo wa mbere w'ubuhanuzi bwa Malaki uravuga ngo: *“Ijambo ry'Uwiteka yahanuriye Abisirayeli aritumye Malaki. 'Narabakunze, ni ko Uwiteka avuga!’”* Ubutumwa bw'umuhanuzi Hoseya bwose ni urukundo rw'Imana rutagira icyo ruca cyangwa rushingiraho. Imana ihora ikunda kandi urukundo rwayo ntirugira icyo rushingiraho. (1 Yohana 4:16) Imbabazi z'Imana ziturinda ibidukwiye bitewe n'ibyaha byacu, maze urukundo rw'Imana rukadusazaho imigisha yose tudakwiriye. Imyandikire myiza y'iyi myumvire yaba “Hahirwa abantu buzuye urukundo rw'Imana rutagira icyo rushingiraho.”

Biratangaje kumenya ko iri jambo “imbabazi” ryanditse inshuro 366 muri Bibiliya kuko Imana yari ibizi ko tuzajya turikenere uko bukeye hiyongeyeho n'indi nshuro imwe ku myaka igira iminsi 366. Inshuro 280 muri izi nshuro zivuga

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

imbabazi z’Imana ziri mu Isezzerano rya Kera. Imana igihe cyose yahoze ari Imana y’urukundo rutagira icyo rushingiraho.

Isezzerano Yesu yahaye abanyambabazi ryo kuba “Bazazihabwa,” ntabwo rivuze gusa ko bazagirirwa imbabazi n’Imana n’abo bazazigirira, ahubwo rivuze ko bazabera imiyoboro y’urukundo rw’Imana rutagira icyo rushingiraho abantu bakeneye gukundwa urukundo rw’Imana.

Niba dushaka kumanuka tukava hejuru y’umusozi maze tukaba igisubizo cya Yesu mu bantu bababaye, tugomba kuzura urukundo rw’Imana rutagira icyo rushingiraho. Abigishwa babaye igisubizo cya Yesu ntabwo bameze nk’Abafarisayo, b’indwarya, ahubwo ni imiyoboro y’urukundo rw’Imana na Kristo rutagira icyo rushingiraho. Iyo dushingiye ku byavuzwe na Yesu, tubona ko kuzura ubukiranutsi ari ukuzura urukundo rw’Imana.

Ab’imitima iboneye

Iyo dukunze, akenshi dukundana hari inyungu tugamije. Ni yo mpamvu ituma imyumvire ikurikiraho ari, *“Hahirwa*

ab’imitima iboneye, kuko ari bo bazabona Imana.” (5:8) Iyo umwigishwa wa Kristo akunze, ntabwo abiterwa n’uko afite icyifuzo bwite akeneye gukemura. Akunda kuko yuzuye urukundo rw’umucunguzi Yesu Kristo, kandi aba afite intego iboneye.

Ijambo “kubonera” ryo muri iyi myumvire ni ijambo ry’Ikigiriki dukuramo ijambo “kubagwa.” Iri jambo ryakwitwa “gusukura” iyo Yakobo nawe arikoreshye. (Yakobo 4:8) Ubusobanuro bw’iyi myumvire ni uko iyo umwigishwa akunze n’urukundo rw’Imana, buri migambo y’inyungu ze bwite ikurwa mu mutima we. Mu buryo bwo gushyira mu bikorwa, tugomba gusenga buri muni ngo kugira ngo Umwuka Wera aboneze imitima yacu kugira ngo ibemo urukundo rwa Kristo.

Nitugira ikiza dukorera umuntu, tugomba kujya twibaza imigambi yacu. Ariko umwigishwa wa Yesu w’umunyambabazi yabwira abo akunda ati: “Nta kindi ngukeneyeho uretse amahirwe yo kugukunda urukundo rwa Kristo.”

Isezzerano Yesu yahaye ababoneye mu mitima ni uko bazabona

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Imana. Ibiraro by'urukundo rwa Kristo bifite imigambi iboneye babona Imana igihe batanga urukundo rwa Kristo rwose baruha abantu bo muri iyi si bese barimo kubabara. Iyo dushingiye ku byanditswe n'Intumwa Yohana muri 1 Yohana 4:16, tubona ko uko urukundo rw'Imana rubatembeyemo, baguma mu Mana n'Imana ikabagumamo.

Abakiranura

Imyumvire ya karindwi ni: *“Hahirwa abakiranura, kuko bazitwa abana b’Imana.”* Iyi myumvire isobanuye ko umwigishwa wabaye igisubizo cya Yesu ni umwunzi. Imwe mu nkomoko y'ibibazo bikomeye cyane biri munsu y'umusozo ni ukwitandukanya. Abantu batandukanye n'Imana, batandukanye n'abandi bantu ndetse banatandukanye na bo ubwabo. Yesu arimo guhiga abigishwa be kwiga ndetse bakabona imyumvire myiza yabaha ubwiyunge muri ibi byerekezo uko ari bitatu hanyuma bakaba abunzi bagarutse muri rubanda nyamwinshi.

Pawulo yandika ko buri mukristo wamaze kubona igitangaza cyo kungwa n'Imana binyuze muri Kristo atumwa ahawe

ubutumwa n'umurimo wo kunga. (2 Abakorinto 5:14-6:2) Hari umunyatewologiya wanditse ashingiye kuri icyo cyanditswe ati: “Ubushake bw'umwunzi ni uko abunzwe bagomba kuba abakozi b'umurimo wo kunga mu buzima bw'abatarungwa n'Imana.” Ni icyo Yesu yari agamije igihe yigishaga imyumvire myiza ya karindwi.

Mu gihe cy'intambara ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'Uburusiya hari umuganga ubaga wari mu nkambi mbi cyane y'abacakara yo muri Siberiya wizeye Yesu arakizwa. Nyuma yo kwizera Yesu nk'Umukiza n'Umwami we maze agakizwa, uwo muganga w'Umuyuda witwaga Boris Kornfeld yamaramaje ko agiye kuba umwunzi w'abantu n'Imana aho hantu hari habi cyane. Yabaze umurwayi maze arangije amubwiriza ubutumwa bwiza maze arakizwa.

Bitewe n'icyo gikorwa cy'ubutwari yakoze, yiciwe mu buriri bwe muri iryo joro. Wa murwayi we yarakize maze aherako abwira isi yose ibibi byaberaga muri izo nkambi z'ubucakara. Yitwaga Alexander Solzhenitsyn.

Uwo muganga n'umwigishwa wa Yesu ntabwo yari afite

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

uburyo bwo kumenya ko umurwayi we yajyaga kuzakomera akandika ibitabo byinshi cyane. Yarimo gukora icyo Yesu yigishije ubwo yatangaga imyumvire ya karindwi. Isezerano Yesu yahaye aba bakozi b’umurimo wo kunga ni uko bazitwa abana b’Imana. Imana yari ifite umwana umwe gusa kandi yari umumisiyoneri. Biratangaje rero kuba Imana yarise abatumwe abana ba yo. Ibi ni rusange kandi bivuze ko bitwa abana, abahungu n’abakobwa b’Imana.

Abarenganywa

“Hahirwa abarenganirijwe gukiranuka, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.” Nababwiye ko Imyumvire iza mu nyabubiri, kandi ni ko biri. Imyumvire ya karindwi ifatanywa n’iya munani.

Boris Kornfield yatanze ubuzima bwe kugira ngo abe umukozi w’ubwiyunge kubwa Alexander Solzynitzen. Ni uko byahoze biri ku bakozi b’ubwiyunge mu bihe by’amateka y’itorero. Ni cyo gituma imyumvire ya karindwi ari, *“Hahirwa abakiranura”* cyangwa *“abakozi b’umurimo w’ubwiyunge,”* hanyuma imyumvire ya munani ikaba, *“Hahirwa*

abarenganirijwe gukiranuka, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.” Abatotezwa bazizwa ko ari abakozi b’umurimo w’ubwiyunge baba bemera ubutegetsu bw’Umwami mu buzima bwabo nubwo byatuma batakaza ubuzima bwabo.

Itegereze ko imyumvire atari, *“Hahirwa abarenganywa,”* ku mpamvu zindi zose, cyane cyane bitewe n’ibibazo ubwabo biteje. Ahubwo imyumvire ni *“Hahirwa abarenganirijwe gukiranuka.”* Barenganywa kuko babwirije ubutumwa bwiza abandi bantu, barenganywa kuko bagaragaje ko ari Abakristo. Ubu noneho wabona igituma iyi myumvire ihuzwa.

Abakozi b’umurimo w’ubwiyunge batotezwa kuko bahagarara ahantu hakwiriye, bahagarara hagati y’amakimbirane no gutandukana. Bajya aho abatandukanye barimo kurwanira. Tekereza ahantu habera imirwano ikomeye cyane hano mu isi, nko mu Burasirazuba bwo hagati, cyangwa ahandi hantu hose habera intambara zikomeye cyane. Abakozi b’umurimo w’ubwiyunge cyangwa abunzi bajyayo kandi ari ahantu habi cyane.

Yesu yigishije iyi myumvire myiza umunani, hanyuma uhereye

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

ku murongo wa cumi n’umwe, atangira kuyishyira mu bikorwa. Itegereze amagambo akoreshwa avuga abantu mu myumvire myiza uko ari umunani. Hahirwa abameze batya na batya, hahirwa abafite. Ni rusange kandi ntabwo avuga umuntu runaka. Ariko uhereye ku murongo wa cumi n’umwe akavuga ngo, *“Namwe muzahirwa ubwo bazabatuka bakabarenganya, bakababeshyera ibibi byinsi babampora.”*

Yarimo kubwira abari bicaranye nawe kandi yarimo kubaha ubwo butumwa. Yarimo kubabwira kubabwira igikorwa cyo gutotezwa kizababaho. Ishyira mu bikorwa ry’imyumvire umunani rihera hano hanyuma inyigisho z’Imyumvire myiza zigakurikiraho muri iki cyigisho cyose.

Hari ubwo twatekereza yuko haramutse hari abantu bafite iyi myumvire myiza muri iyi si bashimwa n’iyi si. Nyamara, iyi myumvire ya nyuma itubwira yuko umwigishwa wa Yesu Kristo arenganirizwa imyumvire myiza ya Yesu yose. Kuki?

Igisubizo cy’icyo kibazo ni uko umwigishwa wa Yesu ufite iyi myumvire acyaha abantu bafite ishusho y’icyo bagomba kuba cyo. Iyo abantu bo muri iyi si bacyashywe n’ubuzima

bw’umwigishwa wa Yesu ufite iyi myumvire, baba bafite amahitamo abiri: gukomezanya n’iyo shusho y’ukuntu bagomba kubaho, cyangwa bakifuzwa imyumvire myiza ibahindura uko abo bigishwa bari. Cyangwa, bakarwanya umwigishwa wa Yesu ugaragaza imitekerereze n’indangagaciro za Yesu Kristo. Hashize imyaka irenga ibihumbi bibiri abatizera Imana bakora icyo cya kabiri.

Incamake y’Ibigarara Mu Myumvire Myiza Umunani

Iyi myumvire umunani y’uhirwa ni ikibwiriza, maze ikindi gice cy’inyigisho cyose kikaba ishyira mu ngiro ry’ikibwiriza. Integuro y’iki kibwiriza itanga imitekerereze ya Matayo ku bibazo biterwa no kuba Umukristo. Dushingiye ku byanditswe na Matayo tubona ikintu cy’ingenzi ku kuba Umukristo atari ku mpamvu y’ibyo Kristo azagukorera. icy’ingenzi ni icyo uzakorera Yesu. Mbese nawe uri ikibazo, ufite uruhare mu kibazo cyangwa uri igisubizo? Waba uri kimwe mu bisubizo bye cyangwa nawe uri ikindi kibazo kibazwaho?”

Imyumvire y’uhirwa itugaragariza imyitwarire y’Umukristo. Imfasha nyigisho ennye- umunyu, umucyo, umudugudu,

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

n'itabaza, zikurikira imyumvire, igaragaza ikibazo kiba iyo imyitwarire ya Gikristo ihinduye umuco wa gipagani.

Bisa nkaho hari “umurongo wo mu mwuka” uri hagati y'imyumvire ya kane na gatanu. Imyumvire yose uko ari umunani igabanywa mu bice bibiri by'imyumvire ine buri gice. Imyumvire ine ya mbere ikurizwa hejuru y'umusozi, cyangwa mu busabane bwite bw'umuntu n'Imana na Kristo, ariko imyumvire ine ya kabiri igomba kumenyerwa no gukurizwa mu mibano yacu n'abandi bantu.

Imyumvire yose kandi yashyirwa mu bice bine by'ibiri ibiri, ari byo: abakene bo mu mitima bashavura; abagwa neza bafite inzara n'inyota byo gukiranuka; abanyambabazi baboneye mu mitima, n'abakiranura barenganywa.

Buri myumvire myiza yose uko ishyirwa mu bice by'ibiri ibiri igaragaza ibanga ryo mu mwuka rigomba kumenywa n'umwigishwa wa Yesu mbere yuko aba igisubizo cye cyangwa kimwe mu bisubizo bye. Imyumvire ibiri ya mbere, gukena mu mutima no gushavura, isobanura uku kuri ko mu mwuka: “Ntabwo icya ngombwa ari icyo nakora, ahubwo ni

icyo Yesu yakora.”

Imyumvire ya kabiri ihujwe- kugwa neza no kugira inyota n'inzara byo gukiranuka, isobanura uku kuri ko mu mwuka: “Ntabwo icya ngombwa ari icyo nshaka, ahubwo ni icyo Yesu ashaka.” Imyumvire ihujwe ya gatatu, abanyambabazi bafite imitima iboneye, isobanura uku kuri ko mu mwuka: “Icyo ngombwa ntabwo ari nde cyangwa icyo ndi cyo, ahubwo ni Yesu uwo ari we cyangwa icyo ari cyo.”

Imyumvire ibiri ihujwe ya kane, abakiranura barenganywa, igaragaza iri banga ryo mu mwuka, tugomba kwatura iyo Kristo adukoresheje, tukavuga ngo, “Ntabwo ari jye wakoze, ahubwo ni we wakoze.” Intumwa Pawulo yandikira Abakorinto ko ubwo yakoraga umurimo ukomeye mu murwa wabo, nta na kimwe cyaturutse muri we, ahubwo byose byaturutse cyangwa byakozwe n'Imana. (2 Abakorinto 3:5)

Ijambo “guhira” ni ijamba rigomba gusobanurwa. Mu zindi Bibiliya ryitwa “kwishima”. Iri jambo ni kimwe n'ijamba umunezero, kandi umunezero ni imbuto y'umwuka. (Abagalatiya 5:22, 23) Uyu munezero uhirwa wakwitwa

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

ibyishimo utabona uko usobanura kuko bitangwa no kubaho k'Umwuka Wera mu buzima bwacu kandi ntibigengwa n'imibereho.

“Itera mbere ryo mu mwuka” ni ubundi buryo iri jambo “guhira” ryasemurwa. Gutera imbere mu mwuka ntabwo bisobanuye kugwiza imitungo. Niba kugwiza imitungo ari cyo bivuze guhirwa, ubwo bivuze ko ari nta ntumwa ya Kristo n'imwe yari ihiriwe. Kuko intumwa zabayeho ubuzima zigaragaza iyi myumvire myiza ya Yesu, ntabwo zari zitunze ubwo zapfaga urupfu rubi.

Igice cya Gatatu

“Akanyamasyo kuiye hejuru y'Uruzitiro”

(Matayo 5:13-16)

Yesu yakurikije ku mwirondoro we w'imyitwarire cyangwa ingeso za Gikristo imfasha nyigisho ennye zitwereka ibiba iyo imyitwarire yagaragaje akoresheje imyumvire myiza ihinduye umuco wa gipagani. Yaravuze ati: *“Muri umunyu w'isi. Mbese umunyu nukayuka uzaryoshywa n'iki? Nta cyo uba ukimaze keretse kujugunywa hanze, abantu bakawukandagira. Muri*

umucyo w'isi. Umudugudu wubatswe ku mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha. Nta bakongeza itabaza ngo baritwikirize intonga, ahubwo barishyira ku gitereko cyaryo rikamurikira abari mu nzu bose. Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru.” (Mathew 5:13-16)

Umunyu w'Isi

Yesu yatangiye ishyira mu bikorwa ry'iki kibwiriza gikomeye akoresheje imfasha nyigisho ennye. Iya mbere ni uko umwigishwa ufite iyi myumvire ari umunyu w'isi. Mu rurimi rwa mbere na mbere ibi byanditswemo, aya magambo asobanuye ngo, “Wowe kandi wowe wenyine ni wowe munyu w'isi.”

Uburyo bumwe iyi mfasha nyigisho yasobanuwe kandi yashyizwe mu bikorwa bushingira ku kuri yuko mu gihe cya Yesu ari hano ku isi nta firigo cyangwa ibyuma bikonjesha byari ku isi. Uburyo bwonyine abantu bashoboraga kurinda amafi cyangwa izindi nyama zose kubora ni uko bazisigaga umunyu. Nuko rero, Yesu avuga ibyo hari icyo yavugaga ku

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

bigishwa be no ku isis, avuga ko isi irimo kubora nk'inyama ziboze kandi abigishwa be bari umunyu isi ikeneye kugira ngo ye kubora. Uburyo bwonyine abigishwa bari burinde isi kubora no kwangirika ni uko abo bigishwa bagombaga “gusigwa” ku bantu b'iyi si. Igikorwa cyo guhindurwa n'umunyu, ari wo myitwarire ya Gikristo, ni cyo kirinda isi kubora.

Ubundi busobanuro n'ishyira mu bikorwa bw'icyo Yesu yashatse kuvuga ubwo yatangaga urugero cyangwa imfasha nyigisho y'umunyu w'isi bushingiye ku kuntu ijambo “umushahara” rituruka mu magambo “amafaranga y'umunyu”. Ayo magambo akomoka mu bwami bw'Abaroma. Abaroma bari bazi ko nta kinyabuzima cyabaho kidafite umunyu. Ibyo rero bigatuma ari bo bagenga cyangwa bategeka umunyu w'isi. Bahembaga abacakara babo ibisate by'ibitare by'umunyu.

Yesu avuga ibyo, yarimo kubwira abigishwa be ngo, “Bariya bantu bari munsu y'umusozo nta bugingo bafite. Nimusobanukirwa, mukizera kandi mugashyira mu bikorwa ibyo nigishirije muri iyi myumvire myiza, ubwo ni bwo muzagira ubuzima kandi muzaba isoko bariya bantu bazakuramo, bazarinda kandi bazabona ibyiza mu buzima.

Nuko rero, ni mwebwe mahirwe yonyine aba bantu bafite yo kuba babona ubugingo.”

Mu mfasha nyigisho cyangwa ingero zose Yesu atanga, uzibonamo ubutumwa bukomeye cyane washyira mu bikorwa iyo uzitekerezaho. Umunyu utuma abantu bagira inyota kandi n'umwigishwa wa Yesu atuma abantu badakijijwe bagira inyota y'ibyo yabonye muri Kristo. Umunyu uraryana iyo ugeze mu bisebe by'abanyabyaha. Ni nako biri ubuzima bw'umwigishwa wa Yesu buryana iyo umuntu ubufite aturanye n'umuntu udakijijwe. Umunyu urakiza kandi urasukura kandi umwigishwa wa Yesu ufite imyumvire Yesu yigishije azana impinduka nziza ku buzima bw'abo azi ndetse n'abo ahura na bo muri iyi si.

Umuco n'iki? Umuco ni ijambo rivuze ngo, “Uku ni ko tugenza.” Yesu yaje mu isi kugira ngo ahindure umuco-kuvugurura umuco. Umugambi we kwari uguhindura imitima y'abantu maze akabohereza mu muco w'ibice bitandukanye kugira ngo bahindure uwo muco. Ibi byanditswe bitatu birimo inyigisho ya Yesu yari igamije ndetse n'ubu ikigamije guhindura isi! Uwo mugambi urasobanutse niba dusobanukiwe

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

icyo Yesu yashatse kuvuga ubwo yabwiraga aba bigishwa ati: “Ni mwebwe mwenyine munyu w’isi.”

Hari ubwo Abakristo bagira imitekerereze yubakiye urukuta rw’uruzitiro, bakihisha ntibagire umubano n’abandi bizera. Ntabwo twahindura abantu bo muri iyi si nk’uko umunyu uhindura ibintu runaka twese turamutse turi mu “icupa ry’umunyu” rimwe. Iyo dufitanye umubano n’abantu bo muri iyi si nibwo tubereka imyumvire y’umwigisha wa Kristo uko Imana ibidushoboza kubaho dushyira mu bikorwa iyo myumvire.

Igihe Yesu yasengeraga Intumwa ze, yasabye Data kutabakura muri iyi si. (Yohana 17:15) Bumwe mu buryo Imana ikoresha gukwirakwiza umunyu mu isi ni uko tugomba gukorana umwete tugashyigikira imiryango yacu. Ibi bituma tugirana umubano n’abantu bazimiye kugira ngo tubahindurisha kamere ya Kristo iturimo. Ibi kandi yabikoze mu mateka y’itorero binyuze mu gutotezwa kwagiye kuba ku itorero.

Nigeze kumva umumisiyoneri w’intyoza mu magambo arwanya imitekerereze yo kwiyubakira urukuta rw’uruzitiro

avuga ati: “Abamisiyoneri bamera nk’ifumbire. Iyo bose bari hamwe baranuka, ariko iyo batatanye, bakora umurimo mwiza.”

Mbese kubw’ubuntu bw’Imana waba uri umunyu w’isi? Mbese igitangaza cyo kuba Kristo yaraguhaye iyi myumvire cyaba gihindura abantu ubana nabo cyangwa uhura nabo? Niba uvuga ko uri umwigishwa wa Yesu kandi icyo gitangaza kikaba atari impamo mu buzima bwawe, urihanizwa cyane hano. Dushingiye ku byavuzwe na Yesu, nta mumaro ufite! Ugomba kujugunywa hanze maze ugakandagirwa. Aya ni amwe mu magambo akomeye yavuzwe na Yesu.

Izi ngero cyangwa imfasha nyigisho ebyiri z’umunyu n’umucyo na none zivuze ko abigishwa ba Yesu bahindutse. Gusiga inyama ku zindi nyama ntabwo zarindi izo nyama kubora. Umwigishwa w’umunyu agomba kuba atandukanye n’abantu agamije guhindura. Irindi shyira mu ngiro ry’iyi mfasha nyigisho ni uko umwigishwa w’umunyu atuma abandi bagirira inyota ibyo ari cyo ndetse yagizwe na Kristo. Kugira ngo tugire iyo mpinduka ku buzima bw’abantu tugomba guhinduka ndetse tugatandukana n’abandi mu myitwarire.

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Yesu abaza ikibazo ku musozo w'iki cyanditswe ati, “Abandi mubarusha iki?” (5:47) Imyumvire myiza ya Yesu igaragaza iryo tandukaniro kandi itanga igisubizo cy'icyo kibazo cyabajijwe na Yesu.

Umucyo w'Isi

Imfasha nyigisho ya kabiri hari ikindi kintu itubwira ku mwigishwa wa Yesu n'isi. Na none ubusobanuro bw'iri jambo ni, “Ni wowe wenyine mucyo w'isi.” Ubwo Yesu yaririraga iriya mbaga y'abantu, icyamuteye kubagirira impuhwe ni uko bari bameze nk'intama zitagira umwungeri. (9:36) Ntabwo bashoboraga gutandukanya iburyo n'ibumoso bwabo. Nta mucyo bari bafite. Nk'uko abigishwa ari bo munyu wonyine wari butange kandi ukarinda ubuzima, ni nako ari bo soko yonyine y'umucyo w'iyo mbaga y'abantu.

Nyuma y'umurimo w'imyaka itatu yakoze ku isi, Yesu yasenze isengesho rye ry'ubutumwa bwiza bwa Yohana. Muri icyo cyanditswe, Yesu yavuzemo isi inshuro cumi n'icyenda. Isi yari ku mutima we cyane! Ariko kandi yarasenze ati,

“Ndabasabira. Sinsabira ab'isi, ahubwo ndasabira abo wampaye kuko ari abawe.” (Yohana 17:9)

Umucyo wonyine iyi si ifite uturuka mu bigishwa be. Nk'uko umunyu utahindura isi uri mu icupa ubikwamo, ni nako abigishwa be bagomba gusohoka bakajya ahari umwijima, maze bakemerera umucyo ari wo twe kubw'ubuntu bw'Imana, ukarasira muri uwo mwijima. Niba ari wowe wizera Kristo wenyine mu muryango wanyu, aho ukora, aho utuye, mu kigo wigamo, ibuka ko itabaza riri mu mwijima rigira akamaro kanini cyane kurusha itabaza rimwe riri mu yandi mirongo itanu amurika yose. Niba ari wowe wizera Kristo wenyine ubwo uzi ko Imana ari yo yagushyize muri uwo mwijima kandi ko wowe wenyine ari wowe mucyo w'isi muri abo bakuzi.

Iyo Yesu ategetse ngo, *“Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza bahereko bahimbaze so wo mu ijuru.”* (Matayo 5:16) Yari abizi ko bazamenya ko agomba kuba yaracanye itabaza ryawe kuko utazigera uba ndetse ugakora ibyo babona mu buzima bwawe.

Itabaza Riteretse Ku Gitereko Cyaryo

Uru ni urugero rwiza cyane. Yesu aduha ubusobanuro

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

bwumvikana ndetse n'ishyira mu ngiro iyo avuze ngo iyo itabaza ricanywe mu rugo, ntabwo rishyirwa muni y'igiseke cyangwa intonga ahubwo riterekwa ku gitereko cyaryo. Nuko rero, ntabwo tugomba gutwikiriza guhamya kwacu igiseke aho kudashobora guhindura umwijima.

Ntabwo bishoboka ko itabaza ryatanga umucyo nta kirivuyeho. Uburyo bwonyine itabaza ryakwikiza cyangwa ryakwirinda ni uko ryatwika rigatanga umucyo waryo. Yesu arimo kuvuga ngo: “Mbere yuko uba umwigishwa wange wari umeze nk'itabaza ridacanye. Ariko ubwo wamaze kumenya ikibazo giterwa no kuba Umukristo, itabaza ryawe ryaracanwe. Nacanye ubuzima bwawe kandi igihe cyose iyo ncanye itabaza, mba mfite igitereko nahisemo nterekaho iryo tabaza.”

Nyuma y'imyaka itatu yamaranye n'intumwa ze, Yesu yababwiye ngo, “*Si mwe mwantoranyije, ahubwo ni jye wabatoranyije kandi mbashyiriraho kugira ngo mugende mwere imbuto, imbuto zanyu zigumeho kugira ngo icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye akibahe.*” (Yohana 15:16) Ijambo ry'Ikigiriki ryo “gutoranya” rivuze “gushyirwa ahantu hakwiriye.” Iri jambo ry'Ikigiriki ryanditse inshuro

eshatu gusa muri Bibiliya. Avuga ibyo yarimo kuvuga ngo, “Nabataranyije ku bushake kandi mbashyiriraho ahantu muzajya mukera imbuto.”

Wari wigera ubona akanyamasyo kari hejuru y'urukuta rw'uruzitiro? Igihe cyose uzabona akanyamasyo kair hejuru y'uruzitiro, hari ikintu kimwe umenya kuri ako kanyamasyo. Umenya ko atari ko kahishyize; umenya ko hari uwakahashyize kuko utunyamasyo tutajya twurira ku nzitiro!

Buri muyoboke wa Kristo nyakuri agomba kumva ameze nk'akanyamasyo kari hejuru y'urukuta rw'uruzitiro. Twese tugomba kureba abantu batuzengurutse tukamenya ko twatujywe cyangwa twashyizwe ahantu hakwiriye, kandi muri icyo gitekerezo cy'akanyamasyo kari hejuru y'urukuta rw'uruzitiro, tugomba kuvuga ngo, “Ntabwo mba ndi aho ndi ubu iyo ntaza kuhashyirwa na Kristo.”

Umudugudu Wubatswe Ku Mpinga y'Umusozi

Urugero rwa kane ni: “*Umudugudu wubatswe ku mpinga y'umusozi nttubasha kwihisha.*” (5:14) Yesu arimo kubisubiramo ku mpamvu yo gushimangira inyigisho ye avuga

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

ko iyo dufite imyumvire myiza uko ari umunani mu buzima bwacu, ntabwo twayihisha nk'uko utahisha itabaza muni y'intonga. Ntabwo habaho umwigishwa wa Yesu Kristo wo mu ibanga. Yesu ibyo yagaragaje ko bidashoboka ubwo yatumaga abigishwa be ngo babatize buri muntu wese watura ko ababaye umwigishwa we. (Matayo 28:18-20)

Yesu arimo kwigisha hano ngo nituba umunyu n'umucyo w'isi, ntabwo tuzashobora guhisha uko kuri guhirwa. Yesu yari umunyakuri. Yahaye agaciro kanini gukora kuruta umwuga. Izi ngero ennye zishimangira ukuri kw'icyo turi cyo kuruta icyo tuvuga ko turi cyo.

Turi umunyu, umucyo, itabaza n'umudugudu wubatswe ku mpinga y'umusozi. Mariko atubwira mu butumwa yanditse ko abantu bashakaga kubana na Yesu cyane kugeza ubwo byabaye ngombwa ko Yesu yashaka ahantu yakwihererana na Data bonyine kuko uwo yari n'icyo yari bitashoboraga guhishwa. (Mariko 7:24)

Mu myumvire myiza, Yesu yatubwiye kwirebamo imbere. Muri izi ngero, arimo kuvuga ngo, “Ngaho noneho reba

abakuzengurutse. Reba isi ikuzengurutse maze utekereze ikibazo kibaho iyo kubw'ubuntu bw'Imana imyitwarire yawe ihinduye umuco mubi, umuco udafite ubuzima, ndetse umuco uri mu mwijima.”

IGICE CYA KANE

“Ubukiranutsi mu Mibanire”

(Matayo 5:17-48)

“Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe. Sinaje kubikuraho, ahubwo naje kubisohozza. Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n'isi kugeza aho bizashirira, amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira. Nuko uzica rimwe ryo muri ayo mategeko n'aho ryaba ryoroshye hanyuma y'ayandi, akigisha abandi kugira batyo, mu bwami bwo mu ijuru azitwa mutoya rwose. Ariko uzayakora akayigisha abandi, mu bwami bwo mu ijuru azitwa mukuru. Kandi ndababwira yuko gukiranuka kwanyu nikutaruta ukw'abanditsi n'ukw'Abafarisayo, mutazinjira mu bwami bwo mu ijuru.”
(5:17-20)

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Ubu turimo kwegereza igice kirekire cyane ndetse kiruhije cyane cyo mu Kibwiriza cyo ku Musozi (Matayo 5:17-48) Uyu mwandiko utangira Yesu avuga bikomeye ku kuntu afata amategeko y’Imana n’ubukiranutsi bw’umuntu bwite. Hari abantu batekereza nabi ko Yesu yarimo guhinyuza Mose muri iyi mirongo y’icyanditswe. Hanyuma bakabaza bati, “Noneho se kuki dusoma Isezerano rya Kera kandi Yesu yaravuze ko ryataye agaciro. Ntabwo yahinyuje Mose muri iyi mirongo y’icyanditswe. Yarimo guhangana n’inyigisho z’abanditsi n’Abafarisayo.

Ubwo Yesu yavugaga “amategeko n’ibyahanuwe” yavugaga icyo twita “Isezerano rya Kera”. Yarimo kubwira abigishwa be ngo: “Ibyo ndimo kubigisha byose biri mu ijambo ry’Imana, ariko ibyo mbigisha bihabanye cyane kandi biragongana n’ibyo abayobozi banyu b’idini babigishije.” Ababwira ibyo na none yarimo kubwira abigishwa ati: “Nimumanuka mukabana na bariya bantu, niba mushaka kuba igisubizo cyanjye, mugomba kumenya uko mwashyira mu ngiro ijambo ry’Imana mu buzima bw’abantu.”

Atangira avuga ko atazanywe no gukuraho amategeko kandi ko

ibyo yigishaga byose byahamanyaga ndetse binasohozwa amategeko y’Imana. Mu mirongo makumyabiri n’umunani ikurikiraho, arushaho gusobanura amagambo atangira yerekeye ku itandukaniro riri hagati y’ukuntu asobanura ijambo ry’Imana n’inyigisho z’abanditsi n’Abafarisayo. Igisobanuro cy’iryo tandukaniro kigaragazwa n’ibyo Yesu yavuze ko yazanywe no gusohozwa amategeko y’Imana kandi ko buri nyuguti y’amagambo y’Abaheburayo yo mu mategeko y’Imana izasohozwa mu nyigisho ze.

Intumwa Pawulo yita iryo tandukaniro “umwuka w’Amategeko” aho kuba “inyuguti y’amategeko”. (2 Abakorinto 3:6) Pawulo arandika akavuga ko umwuka w’Amategeko utanga ubugingo naho inyuguti y’Amategeko irica. Umwuka w’Amategeko utanga ubugingo kuko umwuka w’Amategeko ari urukundo. Umwuka w’Amategeko utwibutsa ko Amategeko y’Imana yose, cyangwa ijambo ry’Imana yaturutse mu mutima w’Imana ukunda abantu. Ibi Yesu Kristo yahoraga abyibuka buri gihe.

Yesu yasohoresheje intego y’Amategeko, cyangwa ijambo ry’Imana, guhora asobanura ndetse ashira mu ngiro umwuka

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

w'Amategeko. Ukundi twabivugaga ni uko yanyujije Amategeko y'Imana mu ndorerwamo y'urukundo rw'Imana mbere yuko ayashyira mu ngiro mu buzima bw'ubwoko bw'Imana. Abanditsi n'Abafarisayo yenda ntabwo bari bazi ko ari ko bagomba kubigenza, cyangwa bibagiye ko Amategeko y'Imana yashyirweho imibereho myiza y'ubwoko bw'Imana. Basenye ubwoko bw'Imana binyuze mu kuntu bashyize mu ngiro cyangwa basobanuye inyuguti y'Amategeko cyangwa ijamba ry'Imana mu buzima bw'ubwoko bw'Imana.

Yesu yavuze ko ubukiranutsi bw'umuntu bwite, cyangwa kubaho uko bikwiriye by'abigishwa be bigomba kuruta ubukiranutsi bw'abanditsi n'Abafarisayo. Yaravuze ngo buri mwigishwa we wese uzica iritoya ryo muri aya mategeko y'Imana kandi akigisha abandi ngo nabo babigenze uko niwe uzaba mutoya mu bwami bw'ijuru. Yaravuze ngo abigishwa be nibadashyira mu bikorwa kandi bakigisha Amategeko y'Imana, ntabwo bazaba abakomeye mu bwami yarimo kubamurikira mu nyigisho ze.

Uko Yesu ashya mu ngiro imyumvire myiza mu nyigisho ze zikurikira imyumvire myiza (Matayo 5:17-7:27), atandukanya

ubukiranutsi yigisha kandi yifuza mu bigishwa be n'ubukiranutsi bw'uburyarya bw'aba bakuru b'idini. "Ubukiranutsi" bw'abanditsi n'Abafarisayo bwari ubwo ku munwa gusa ariko ubw'abigishwa ba Yesu bwagombaga kuba imbwo mu mutima. Yesu yagiranye ikiganiro mpaka n'aba bakuru b'idini kuko bashyiraga imbere imigenzo y'idini bakirengagiza ubuzima bw'ingenzi bwo mu mutima. (Mariko 7:8, 15)

Ubukiranutsi bw'abanyadini bwari intambike gusa. Bitaga ku kuntu ibintu bisa hanze, kugira ngo abantu bababone nk'abanyadini. Ni bintu bakoreraga imbere y'abantu ku nyungu zabo, kugira bababone ko batanga, cyangwa basenga. Ariko Yesu arimo kwigisha abigishwa be ngo, "Ubukiranutsi bwanyu ntabwo bugomba kuba intambike. Bugomba kuba ikijyejuru. Bugomba gukorerwa Imana ndetse n'imbere y'Imana." Ni cyo cyatumye ateguka abigishwa be kutagaragariza ubukiranutsi bwabo imbere y'abantu. (6:1)

Ubukiranutsi Yesu yigishije abigishwa be bwari ubwo mu byanditswe kandi ubukiranutsi bw'aba bakuru b'idini bwari ubwo mu myumvire ya gakondo. Ubukiranutsi bw'Abafarisayo

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

ntabwo akenshi byari bushingiye ku ijambo ry’Imana kandi n’iyo bwabaga bushingiye ku ijambo ry’Imana, ntabwo ubusobanuro byaryo byabaga ari buzima.

Yesu yahinnye itandukaniro ryari hagati y’bukiranutsi yigishije n’ubukiranutsi bw’abanyadini igihe yitaga abanyadini “inryarya.” Iri jambo mu Kigiriki ryakoreshwaga kuvuga kwishushanya cyangwa ishusho yambarwaga n’abakinnyi b’inkinamico z’Abagiriki. Ubwo Yesu yahitagamo iryo zina nk’ubusobanuro bwiza bw’aba bayobozi, yarimo kuvuga ko ubukiranutsi bwabo bwari uburyarya nyamara ubukiranutsi bw’abigishwa be bwagombaga kuba ubw’ukuri.

Nidusobanukirwa ibyo Yesu arimo kuvuga muri iyi mirongo ku byanditswe n’ubukiranutsi, tuzamenya icyatumaga ahora afitanye amakimbirane n’abanditsi n’Abafarisayo. Ni nabwo tuzagira itangirira ry’uyu mwandiko ugoye kandi muremure tturimo kwiga ubungubu.

Muri iyi mirongo makumyabiri n’umunani, twumva Yesu avuga inshuro esheshatu ngo: “Byaranditswe,” cyangwa “Bamaze igihe babigisha, ariko noneho nimwumve icyo ijambo

ry’Imana ryigisha.” Inshuro esheshatu zose Yesu avuga inyigisho z’abanyadini maze yarangiza agatanga inyigisho ye.

Hari ubwo Yesu yahakanyaga uko abakuru b’idini basobanura ndetse bagashyira mu ngiro ijambo ry’Imana. Yararangizaga agasohoresha Amategeko y’Imana kwigisha umwuka w’Amategeko. Hari ubwo yahakanyaga imyigishirize n’imyumvire gakondo y’amahame yabo, atarigishwaga mu ijambo ry’Imana. Matayo na Mariko bombi bavuga Yesu mu buryo bugaragaza ko yagiranye amakimbirane n’abakuru b’idini kuko bubahaga umuco n’imigenzi bakirengagiza ijambo ry’Imana (Matayo 15:3-6; Mark 7:9-13)

Ugitekereza kuri ibyo bintu, itegereze inyigisho esheshatu z’abanditsi n’Abafarisayo zahizwe cyangwa zahinyujwe na Yesu zivuga kuri ibi bintu:

Mwene So

“Mwumvise ko abakera babwiwe ngo ‘Ntukice, uwica akwiriye guhanwa n’abacamanza.’ Ariko jyeweho ndababwira yuko umuntu wese urarikira mwene se akwiriye guhanwa n’abacamanza, uzatuka mwene ati ‘Wa mupfu we’, akwiriye guhanirwa mu rukiko, uzabwira mwene se ati ‘Wa gicucu we’,

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

akwiriye gushyirwa mu muriro w'i Gehinomu. Nuko nujyana ituro ryawe ku gicaniro, ukahibukira mwene so ko afite icyo mupfa, usige ituro ryawe imbere y'igicaniro ubanze ugende wikiranure na mwene so, uhereko ugaruke uture ituro ryawe.”
(Matayo 5:21-24)

Muri Bibiliya yose harimo amagambo abiri ahina ukuri Imana ibwira ubwoko bwayo. Ayo magambo abiri ni: “Imana mbere!” Muri uyu mwandiko harimo umwihariko w'aya magambo ashimangirwa. Iyo Yesu atweretse uko twashyira imyumvire myiza mu bikorwa mu buzima bwa mwene data, cyangwa abandi bakristo, aratubwira ati: “Banza ...mwene so, noneho Imana.”

Yesu arimo gushimangira cyane ingenzi y'umubano wacu n'abandi bizera cyangwa Abakristo. Arimo kwigisha ko tugomba gushyira mu bikorwa imyumvire myiza ya gatanu na gatandatu y'umwigishwa w'umunyembabazi, utagira ikindi mu mutima we uretse urukundo rw'Imana, kuri twebwe abaramya, babaho kubwa Yesu ndetse bakorerwa Yesu. Nta nubwo twemerewe kwiherera tukaramya Imana iyo hari ikintu kiba cyadutandukanije n'uwo Yesu yita “mwene Data”.

Hari ahandi muri Bibiliya yigisha ko niba ari twebwe twacumuye kuri mwene data, tugomba kwiyunga n'uwo mwene data. (Mariko 11:25) Anigisha iyi myitwarire yo mu mwuka avuga umuryango wo mu mwuka ari wo itorerwa. (Matayo 18:15-17)

Nigeze kumva umuyobozi nshingwabikorwa w'umuryango munini mpuzamahanga w'ivugabutumwa abwira abamisiyoneri benshi ati: “Ntabwo twahindura isi turamutse tuburanye!” Arangije abereka igitabo kidasanzwe. Izina ryari ryanditse kuri icyo gitabo ryari: Ikibazo Nyamukuru cy'Abamisiyoneri. Abumbuye igitabo, imbere hari handitsemo amagambo abiri gusa: “Abandi bamisiyoneri!”

Ubanza ari wo mutwari Yesu yari afite ubwo yigishaga iyi nyigisho ikomeye ivuga ku ngenzi y'akamaro k'abizera batangira kandi bakagira imibano y'urukundo. Abakuru b'idini bigishaga ko iyo utishe cyangwa ntukomeretse mwene so, umubano wawe na we uba wemewe n'Imana. Yesu yagiye aharimo kubera amakimbirane hagati y'abantu bakundaga Imana ababwira ko amakimbirane bagiranye aterwa n'uburakari. Arababwira ngo uburakari n'ibiyumviro byo

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

kwanga mwene so bigomba gukemurwa niba dushaka kugirana umubano na mwene data wemerwa n’Imana.

Umubisha Wawe

“Wikiranure vuba n’ukurega mukiri mu nzira, ukurega ye kugushyikiriza umucamanza, umucamanza ataguha umusirikare akagushyira mu nzu y’imbohe. Ndababwira ukuri yuko utazavamo rwose, keretse wishyuye umwenda wose hadasigaye ikuta na rimwe.” (Matayo 5:25, 26)

Mu mirongo ya nyuma y’iki gice Yesu atwereka uko twashyira mu bikorwa imyumvire myiza mu banz bacu. Uyu “mubisha” ni icyo twakwita uwo “duhanganye”. Turi mu isi irimo guhangana no kurushanwa cyane. Iyo dukoranye ibikorwa by’ubucuruzi n’abantu, akenshi nibo bacyura amafaranga twebwe tugacyura ubunararibonye. Uyu mubisha cyangwa uwo duhiganwa ni umwe mu bantu baba bamaramarije gutwara amafaranga yacu hanyuma akaduha ubunararibonye.

Hari ubwo umubano wacu n’abo babisha umera nabi cyane kugeza n’ubwo baba bashaka kuturega cyangwa kudufungisha. Imyumvire myiza Yesu yifuza ko dushyira mu bikorwa mu babisha bacu n’abanzi bacu ni, “Hahirwa abakiranura.” Abigishwa bafite imyumvire myiza ya karindwi n’umunani

ntabwo bajya barakara bakageza n’aho ababisha babo bajya bagaragaza ko batatwifuriza neza.

Nubwo tutagenga cyangwa ngo dutegeke ibyo umubisha wacu akora, umwigishwa wa Yesu akora iyo bwakabaye kugira ngo ntabe intandaro y’amakimbirane n’ababisha be. Pawulo yaranditse ngo inshingano yacu, ni uko tugomba “kubana amahoro n’abantu bose. (Abaroma 12:18) Inshingano yacu muri iyi mibano hari aho ihera kandi iteka ryose hari ahantu irangirira. Ntabwo twagenga, bivuze ko tudashinzwe ibyo umubisha wacu aba agiye gukora.

Abagore

“Mwumvise ko byavuzwe ngo ‘Ntugasambane.’ Jyeweho ndababwira yuko umuntu wese ureba umugore akamwifuzza, aba amaze gusambana na we mu mutima we. Ijisho ryawe ry’iburyo nirigushuka rikakugusha, urinogore urite kure. Ibyiza ni uko wapfa ijisho rimwe, biruta ko umubiri wawe wose wajugunywa muri Gehinomu. N’ikiganza cyawe cy’iburyo nikikugusha, ugice ugite kure. Ibyiza ni uko wabura urugingo rwawe rumwe, biruta ko umubiri wawe wose wajugunywa muri Gehinomu.” (Matayo 5:27-30)

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Ubwo iyi nyigisho ihabwa abagabo, twatekereza ko wari umwiherero w'abagabo. Birumvikana ko iyi nyigisho ibwira n'abagore bakunda Imana bashaka kuba umunyu n'umucyo wa Yesu. Uko bisobanurwa ndetse binashyirwa mu bikorwa ni uko iyi nyigisho ivuga imibanire yacu n'abo tudahuje igitsina.

Nk'uko yabigenjeje ku kwica n'uburakari, Yesu yagiye ku isoko y'icyaha cy'ubusambanyi. Ntabwo yigishije ko ubuhehesi, cyangwa icyo yise ubusambanyi bwo mu mitima yacu, ari icyaha kingana n'ubusambanyi nyabwo. Icyo yavuze ni uko niba bashaka kuba igisubizo cye, maze bagateza impinduka imeze nk'iy'umunyu n'umucyo, tugomba kwiga kugenga cyangwa gutegeka ibyifuzo byacu byo gukora imibonano mpuzabitsina.

Niba tudashaka gukora icyaha cy'ubusambanyi tugomba gutsinda urugamba turwanya ibitera ubusambanyi, nko kurebana irari no kugira ibitekerezo by'ubusambanyi. Mwene nyina Yakobo atubwira inkomoko y'icyaha mu rwandiko yanditse rwo mu Isezerano Rishya. Avuga ko kureba gukurikirwa n'ikifuzo gikomeye, cyangwa irari. Irari riganisha ku koshywa, koshywa kugakurikirwa n'icyaha, kandi icyaha

iteka kiganisha ku ngaruka Bibiliya yita “urupfu.” (Yakobo 1:13-15, Abaroma 6:23)

Yesu na murumuna we Yakobo bigisha ko byoroshye gutsinda icyaha cy'ubusambanyi mbere yuko wongera ukareba, ugatekereza ibitekerezo bibi kandi ugaha imbaraga ubuhehesi. Tugomba gutsinda urugamba mbere yuko ubuhehesi bwacu buduteza amoshya. Yesu yigishije ko abigishwa be bagomba gusenga ubudasiba kugira ngo baneshe amoshya. (Matayo 6:13)

Inyigisho ya Yesu yerekeye ku kunogora amaso cyangwa gutema ukuboko kw'iburyo ntabwo bigomba gushyirwa mu bikorwa uko bivuga. Umwuka w'iyi nyigisho ni uko niba ibyo tureba bidutera gukora icyaha, tugomba kurekera aho kubireba. Umwami wenyine niwe uzi ibyaha bikorwa uno muni mu isi yacu bitewe n'uko abantu bareba amashusho y'urukozasoni, cyangwa za filime zibatera ubuhehesi ndetse n'icyaha cy'ubusambanyi.

Na none arigisha ngo niba ibyo dukoresha amaboko yacu bidutera gukora ibyaha, tugomba kurekera aho kubikora. Hari

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

ahandi hantu ashyiramo n'ikirenge kandi ubutumwa dukuramo ni uko niba aho ibirenge byacu hatujyana hatuganisha ku gukora ibyaha, ntabwo tugomba kuhajya. (Matayo 18:8)

Umufasha Wawe

“Kandi byaravuzwe ngo, uzasenda umugore we, amuhe urwandiko rwo kumusenda.’ Ariko jyeweho ndababwira yuko umuntu wese usenda umugore we atamuhora gusambana, aba amuteye gusambana, kandi uzacyura uwasenzwe azaba asambanye.’” (Matayo 5:31,32)

Inyigisho ya Yesu yigishirije hejuru y'umusozi yose igomba gusobanurwa ndetse igashyirwa mu bikorwa hibukwa integuro yatangiye. Umugambi wa Yesu kwari ukugira ngo ategure abigishwa bazatumwa kujya kumera nk'umunyu n'umucyo mu bantu barenzwe n'ibibazo aho bari muni y'umusozi. Tugomba kwibuka ko imbaga y'abantu ihagarariye abantu bo muri iyi si bazimiye.

Salomo yavuze ko abana bamera nk'imyambi hanyuma ababyeyi babo bakamera nk'umuheto barasirwamo boherezwa

mu buzima. (Zaburi 137:3-5) Indangagaciro, intego n'icyerekezo byo mu buzima bw'abana biterwa n'umwambi bohererejwemo bajya mu buzima. Uyu muni, ku isi hose umwami arimo kugerageza guca umugwegwe wo ku muheto. Ubutane bwa burundu no kwahukana ni icyorezo cyiganje mu bice byinshi mu isi. Muri iki gika Yesu arimo kwigisha ko niba dushaka kuba igisubizo cye, tugomba gushyira mu bikorwa imyumvire myiza ye mu mubano wacu n'uwo twashakanye.

Uru ni urugero aho abanditsi n'Abafarisayo bavuze ibyavuzwe na Mose, ariko Yesu ntabwo yemeranijwe n'uko basobanurwa ndetse n'uko bashyira mu ngiro ibyo Mose yigishije. Mose yarategutse ngo umugabo nasenda umugore we, “Amuhe urwandiko rwo kumusenda.” (Gutegeka kwa Kabiri 24:1-4)

Nk'uko Yesu yabibwiye aba bayobozi, ni koko Mose yavuze ko urwandiko rwo gusenda rutangwe mu buryo bwo kubihamya bitewe no kunangira imitima. (Matayo 19:7,8) Cyera cyane mu Isezerano rya Kera mu gihe cy'amateka y'Abaheburayo, abakuri b'idini b'Abayuda basobanuye ibyo Mose yavuze bati, umugabo iyo yarambirwaga cyangwa atishimiraga umufasha we bitewe n'impamvu iyo ari yo yose,

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

yaramwirukanaga akamusenda. Umugabo ntabwo byari ngombwa ko abwira umugore we, cyangwa undi muntu wese icyamuteye gusenda umugore we. Ubwo byabaga bivuze ko umugore we yamuciye inyuma.

Niyo mpamvu Mose yavuze ko, “Nusenda umugore wawe ugomba kumuha urwandiko rwo kumusenda.” Urwo rwandiko rwo kumusenda rugomba kugaragaza impamvu yo kumusenda ndetse rugategeka umugabo kugira ibyo agaragaza bizatunga uwo mugore yasenze. Kubera umugore bitamworohereye kubaho mu muco w’Abayuda adafite umugabo, Mose yarimo kurinda no kurengera abagore ubwo yategekaga ko nibasendwa bajye bahabwa urwandiko rwo gusendwa.

Yesu ntabwo yarimo kwigisha ko ubutane bwemewe. Imana yanga ubutane (Malaki 2:16) Yesu arimo kwigisha ngo niyo haba hari impamvu yo gutana ihari, umwigishwa we agomba gukiranuka no muri ibyo. (Kugira ngo urusheho kubimenya, soma Igitabo cya 7, 7 na 13 byigisha ku rushako n’umuryango ndetse n’inzandiko zandikiwe Abakorinto).

Ijambo Ryawe

“Kandi mwumvise ko abakera babwiwe ngo ‘Ntukarahire ibinyoma, ahubwo uzakorere Umwami Imana ibyo wayirahiye Ariko jyweweho ndababwira kutarahira rwose, naho ryaba ijuru kuko ari ryo ntebe y’Imana, cyangwa isi kuko ari yo ntebe y’ibirenge byayo, cyangwa i Yerusalemu kuko ari ururembo rw’Umwami ukomeye. Kandi ntuzarahire umutwe wawe, kuko utabasha kweza agasatsi kamwe cyangwa ngo ukirabuze. Ahubwo ijamba ryanyu ribe ‘Yee, Yee’, ‘Oya, Oya’, ibirenze ibyo bituruka ku Mubi.’” (Matayo 5:33-37)

Ubu dusubiye mu nyigisho z’abakuru b’idini ry’Abayuda zitanditse mu mategeko y’Imana. Mu mikorere yabo bagiraga uburyo busoanutse bwerekeye ku ndahiro zemerwaga n’izitaremerwaga (Matayo 23:16) Bajyaga bavuga bati, “Ndayiye urusengero,” cyangwa bati, “Ndayihe izahabu yo mu rusengero.” Cyangwa, bati, “Ndahiye Igicaniro,” cyangwa bati, “Ndahiye igitambo kiri ku gicaniro.” Bajyaga barahira ijuru cyangwa bakarahira isi, cyangwa Yerusalemu.

Ababaga mu itsinda nyobozi babaga bazi iyo iyi ndahiro

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

yabaga ari ukuri cyangwa atari ukuri. Abantu basanzwe batabaga bazi kubitandukanya batangazwaga no kubona icyo babaga bazi ko ari isezerano ryemewe ritemewe.

Iyi mikorere yari igoranye ku buryo yari mibi cyane. Ibi byahabanaga cyane n'itegeko ry'Imana rivuga ko tutagomba kurahira. Dore ko Yesu yahinduye ubusa ibi bintu ubw yavugaga ko ikirenze “Yego” cyangwa “Oya” kiba gituruka kwa Satani! Umwuka w'iyi nyigisho ni uko abigishwa ba Yesu bagomba kumenywaho kuba abagabo cyangwa abagore basohozza isezerano cyangwa bavugisha ukuri.

Abagizi ba Nabi

“Mwumvise ko byavuzwe ngo ‘Ijisho rihorerwe irindi, n'iryinyo rihorerwe irindi.’ Ariko jyeweho ndababwira kutabuza umuntu mubi kubagirira nabi: ugukubise urushyi mu musaya w'iburyo, umuhindurire n'uw'ibumoso, umuntu nashaka kukuburanya ngo agutware ikanzu yawe, umuhe n'umwitero, ugutegetse kujyana na we mu gikingi kimwe, umujyane no mu cya kabiri. Ukwaka umuhe kandi ushaka kugutira ntumwerekeze umugongo.” (38-42)

Yesu na none yongeye guhakanya uko abanditsi n'Abafarisayo basobanuraga ndetse bagashyira mu bikorwa Amategeko ya Mose. Aba bakuru b'idini bigishaga ngo “Ijisho rihorerwe irindi, n'iryinyo rihorerwe irindi.” Ibi ubisanga mu Kuva, Abalewi no mu Gutegeka kwa Kabiri. Ariko Yesu aravuga ati, “Ntabwo nemeranya n'umwuka w'Amategeko mwigishirazamo ngo ‘Ijisho rihorerwe irindi n'iryinyo rihorerwe irindi.’”

Nk'uko yabigenje ubwo yemeraga urwandiko rw'ubutane, igihe Mose yategekaga ngo “ijisho rihorerwe irindi n'iryinyo rihorerwe irindi,” yarimo gushyiraho ikigero ntarengwa cy'imitima inangiye y'abantu b'abagizi ba nabi. Yarimo gukoma ku mitima yabo yari igamije gukora icyaha y'ihorera. Iyo umuntu yakuraga iryinyo ry'umuntu uteye utya, nawe yaravugaga ati, “Jyeweho ndamuvuna ijosi!” Iyo umuntu yamukuragamo ijisho, nawe yaravugaga ati, “Ndaguca umutwe!”

Ubu ntabwo ari ubutabera ahubwo n'icyifuzo cyo gukora icyaha cyo kwihorera. Ubutabera bwagombye kuba ijisho guhorerwa irindi n'iryinyo guhorerwa irindi. Uyu niwo mwuka

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

iteka uyobora abanyamategeko n'amategeko. Nuko, maze Yesu avuga uko tugomba gushyira mu bikorwa imyumvire ye myiza nidutwarwa mu rukiko tukaregwa. Iyo twumvise mu bihugu nka Leta Zunze Ubumwe za Amerika abantu bafungira abandi miliyoni nyinshi z'amadolari y'Amerika, bihita bigaragara ko abantu barenga ubutabera; baba bashaka kwihorera cyangwa inyungu zindi. Mbese byahindura bite ubuzima bwacu, inkiko zacu ndetse n'inzego zacu z'ubutabera turamutse twubahirije iyi nyigisho ya Yesu?

Yesu yarimo gusohoza ndetse no kurenga umwuka w'amategeko ya Mose ubwo yavugaga ati, *"Ariko jyeweho ndababwira kutabuza umuntu mubi kubagirira nabi."* Arimo kurushaho gusobanura aya magambo kandi ashya mu bikorwa imyumvire myiza y'abakiranura barenganywa ubwo yategekaga abigishwa be guhindukiza undi musaya, gutanga umwitero wabo nibasabwa cyangwa nibafungirwa umwitero, renza ahasanzwe maze utange kandi ntukange kuguriza nihagira ugusaba kumuguriza. Ni iki Yesu yarimo kwigisha muri iki cyanditswe gikomeye?

Nigeze kubaza umucuruzi uko bimeze gukora ubucuruzi mu isi irimo kurushanwa no guhirimbana kwishya, yaransubije ati, "Ntabwo tugira abagororwa kandi ntabwo turasa abacu bakomeretse!" Hari umurongo mu gisigo ugira uti: "Ibyaremwe byose ni umutuku iyo biri mu menyo no mu nzara."

Hari igihe ubuzima bwamera nk'intambara y'imbwa kandi bukabamo kurushanwa cyane nk'amasiganwa y'imbeba. icyakora, bumera nko kurwana kw'imbwa no gusiganwa kw'imbeba iyo twabayeyi imbwa n'imbeba. Yesu yarimo kwigisha ko iyo abigishwa be bashyize mu bikorwa imyumvire ye umunani, babana ndetse basabana n'abantu bo muri iyi si, bereka abantu bo muri iyi si ko atari ko bigomba kumera.

Muri icyo gihe Abaroma bajyaga bategeka Umuyuda ngo abatwaze umutwari wabo ahantu h'intera ndende. Bagombaga kumvira iyo bategekwe kubikora, ariko ntabwo bagombaga guca bugufi bagaragaza imyumvire mibi. Yesu aravugaga ati, "Nibagutegeka kugenda urugendo rureshya n'ikirometero kimwe, uzagende bibiri. Mu bihe bya mbere by'itorero, bamwe mu bakijijwe mbere bari ingabo z'Abaroma zakijijwe zibitewe

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

no kubona abigishwa ba Yesu bashyira mu bikorwa imyumvire ya Kristo babana n’ababarwanyaga.

Umwanzi Wawe

“Mwumvise ko byavuzwe ngo ‘Ukunde mugenzi wawe, wange umwanzi wawe.’ Ariko jyeweho ndababwira nti ‘Mukunde abanzi banyu, musabire ababarenganya, ni bwo muzaba abana ba So wo mu ijuru, kuko ateguka izuba rye kurasira ababi n’abeza, kandi abakiranuka n’abakiranirwa abavubira imvura. Nimukunda ababakunda gusa, muzahembwa iki? Mbese abakoresha ikoro na bo ntibagira batyo? Nimuramutsa bene wanyu bonyine, abandi mubarusha iki? Mbese abapagani na bo ntibagira batyo? Namwe mube mukiranutse nk’uko So wo mu ijuru akiranuka.” (43-48)

Ntekereza ko iyi mirongo uko ari itandatu ari yo mirongo iruhije cyane gusobanura no gushyira mu bikorwa mu nyigisho za Yesu zose. Itorero ku isi hose ndetse ibihe byose ntabwo ririgera ryumvikana ku busobanuro bwayo, cyangwa uko yashyirwa mu bikorwa. Iyi mirongo yigisha ihame ndetse n’imikorere ikomeye cyane.

Ku nshuro ya gatandatu muri iki gice Yesu atangira inyigisho ye agaragaza ibyo abakuru b’idini bigishaga. Kuri iyi nshuro yaravuze ati, “Mwumvise ko byavuzwe ngo ‘Ukunde mugenzi wawe, wange umwanzi wawe.’” Igice kimwe cyavuzwe na Mose ikindi cyari imyigihisirize y’umuco wabo cyangwa gakondo yabo. Mose ni koko yaravuze ngo, “Ukunde umuranyi wawe cyangwa mugenzi wawe” (Abalewi 19:18), ariko ntabwo yigeze avuga ngo, “Wange umwanzi wawe.” Muri Zaburi tuhabona umugabo Dawidi, wari umugabo wagiraga umutima nk’uw’Imana, atubwira ko yanga abanzi b’Imana. Ariko ntabwo dutegukwa mu ijamba ry’Imana kugira ngo twange abanzi bacu.

Dusoma imirongo cumi n’umwe ya nyuma y’iki gice, ni ngombwa ko twibuka ko iyi nyigisho, yigishirijwe ku “Mwiherero wa Mbere wa Gikristo” atahawe abari muni y’umusozi. Yesu yahaye iyi nyigisho abari ku musozi bavuga ko ari abigishwa be. Kuba baritwaga “abigishwa” bivuze ko bari biyemeje cyane kubana na Yesu ndetse no kumukorera ubwo bitabiraga ubutumire bwo kujya mu mwiherero.

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Iki ni cyo gisobanuro cyo kwiyemeza Yesu yasabye umwigishwa we ubwo yamubwiraga ati: *“Abantu benshi bajyanaga na we, arahindukira arababwira ati, ‘Umuntu uza aho ndi ntiyange se na nyina, n’umugore we n’abana be, na bene se na bashiki be ndetse n’ubugingo bwe, uwo ntashobora kuba umwigishwa wanjye. Utikorera umusaraba we ngo ankurikire, ntashobora kuba umwigishwa wanjye. Ni nde muri mwe ushaka kubaka inzu y’amatafari ndende, utabanza kwicara akabara umubare w’impiya zayubaka, ngo amenye yuko afite izikwiriye kuyuzuzza? Kugira ngo ahari ataba amaze gushyiraho urufatiro, akananirirwa aho atayujye, maze ababireba bese bagatangira kumuseka bati Uyu yatangiye kubaka inzu, ariko ntiyabasha kuyuzuzza. Cyangwa se hari umwami wajya kurwana n’undi, ntabanze kwicara ngo ajye inama yuko yabasha gutabarana n’ingabo ze inzovu imwe, ngo arwane n’umuteye afite ingabo ze inzovu ebyiri? Bitabaye bityo, wa wundi akiri kure cyane atuma intumwa ze, akamubaza icyo yamuhongera ngo babane amahoro. Nuko rero namwe, umuntu wese muri mwe udasiga ibyo afite byose, ntashobora kuba umwigishwa wanjye. Umunyu ni mwiza, ariko umunyu iyo ukayutse uryoshywa n’iki? Nta n’ubwo ukwiriye*

umurima habe n’icukiro, bapfa kuwujugunya hanze. Ufite amatwi yumva niyumve.”

Abitabiriye ubutumire bwo kujya muri uwo mwiherero ni abari baramaze gufata icyemezo cyo kubana nawe. Bari barabwiye Yesu ko biteguye kwikorera imisaraba yabo maze bakamukurikira. Ubanza bari barabonye abantu babambwe n’Abaroma iyo babaga bikoreye imisaraba yabo bajyanwa aho babambwaga. Bari bazi icyo uru rugero rwiza cyane ruvuzwe. Ubwo Yesu yatangaga inyigisho muri iyi mirongo itandatu, yarimo kubabwira impamvu ndetse n’ukuntu bazikorera uwo musaraba bari baramusezeraniye ko bazikorera ubwo bazaba bamukurikira.

Iyi nyigisho ya Yesu na yo ihiga uko aba bakuru b’idini basobanuraga n’uko bashyiraga mu bikorwa Amategeko ya Mose. Mbese uribuka ikibazo cyabajijwe n’umunyamategeko, cyateye Yesu kuvuga umugani w’Umusamariyakazi Mwiza? Uwo munyamategeko yarabajije ati, “Mugenzi wange ni nde?” (Luka 10:29) Cyari ikibazo gikomeye cyane kuko uburyo bw’imibereho bwari busanzwe bwigishijwe n’abanditsi n’Abafarisayo, ni uko mugenzi wawe yari Umuyuda mwene

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

wanyu, ariko utari Umuyuda wese ku isi yari umwanzi wawe. Hanyuma bakavuga ngo: Ukunde Umuyuda mugenzi wawe, wange abandi bose batari Abayuda.

Itegereze ko intego yo gukunda abanzi bacu ari: “Ukugira ngo tube abana ba Data uri mu Ijuru.” Uyu niwo mugisha Yesu yasezeranyije abashyira mu bikorwa imyumvire myiza ye ya karindwi na munani nk’abakiranura barenganywa.

Hari irindi hame rimwe ryo kwiyemeza rigomba kubahirizwa niba dushaka gukora ibyo iyi nyigisho ya Yesu itubwira. Turamutse dusomye iyi mirongo tukavuga tuti, “Nidukora ibyo iyi nyigisho itubwira gukora, turatakaza ibintu byose,” ubwo iyi nyigisho nta kamaro yatugirira. Tugomba kumenya ko kwirinda no kwifata atari yo mikorere y’umwigishwa wa Yesu ikenewe.

Intumwa Pawulo yasobanukiwe kwiyemeza k’umwigishwa wa Yesu ubwo yandikaga ati: *“Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera*

Umwana w’Imana wankunze akanyitangira.” (Abagalatiya 2:20)

Bivuze iki kubambanwa na Kristo? Bivuze kuba twiteguye kwikorera imisaraba yacu maze tukamukurikira. Igihe Yesu yarebaga umusaraba we, yaravuze ati, *“Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko iyo akabuto k’ishaka kataguye hasi ngo gapfe kagumaho konyine, ariko iyo gapfuye kera imbuto nyinshi.”* Arangije arasenga ati: *“None umutima wanjye urahagaze, kandi navuga iki? Nti ‘Data, nkiza undokore iki gihe’, kandi ari byo byanzanye ngo nkigeremo?”*

Arangije aravugaga ati, *“Data, ubahiriza izina ryawe.”* Nuko ijwi rivugira mu ijuru riti *“Ndaryubahirije, kandi nzongera kuryubahiriza.”* (Yohana 12:23-28) Hagati muri icyo kibazo yagize, Yesu yategetse abigishwa be kwiyemeza bagafatanyana na we bivuye inyuma mu murimo yakoze bareba ubwo yikorera umusaraba we. (Yohana 12:25,26)

Hari umushumba w’umunyamwuka washishikariye buri mwigishwa wa Yesu gusenga iri sengesho rya Yesu mu buryo bworoheje, rigira riti: *“Data, iyubahishe maze umpe fagitire. Icyo byasaba cyose nzagitanga. Data, wowe iyubahishe!”* Iyo

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

dufatanyije n'Umwami gusenga isengesho yasenze areba umusaraba imbere ye, nibwo dusobanukirwa, twemera ndetse dushyira mu bikorwa indangagaciro ikomeye cyane mu isi yose.

Mu gihe cy'intambara ntagatifu uwitwa Francis w'ahitwaga Assisi yarimo kuvura Umunyaturikiya wari wakomerekejwe. Umwe mu ngabo wagenderaga hejuru y'ifarashi abwira Francis arimo gutambuka ati, "Uwo Munyaturikiya nakira, azakwica!" Maze Francis aramusubiza ati, nta kibazo kuko, "Mbere yuko abikora azaba yabanje kumenya urukundo rw'Imana icyo ari cyo!"

Dore uko Yesu asoza inyigisho ye: *"Namwe mube mukiranutse nk'uko So wo mu ijuru akiranuka."* (Matayo 5:48) Ijambo "gukiranuka" ntabwo rivuze kutagira icyaha. Ahubwo rivuze ngo "Mukure, mwuzure, mugere ku kigero Imana yabaremeye kugeraho." Niba ijambo gukiranuka rigutera ikibazo, rikure ku itangiriro n'iherezo ry'uwo murongo w'icyanditswe. Incamake y'inyigisho ya Yesu yose yigisha ku mwuka w'amategeko ni uko Yesu yigishaga ko "Tugomba kumera nka Data." Yesu arimo kwigisha ngo nk'abana b'Imana, tugomba kumera

cyangwa gusa na Data. Mbese Data asa ate cyangwa ameze ate?

Intumwa Pawulo abwira abagabo gukunda abagore babo nk'uko Kristo yakunze itorero ubwo yaryitangiraga." (Abefeso 5:25) Iyo Pawulo abwiye aba bagabo gukunda nk'uko yakunze ndetse n'ubu agikunda, kandi bagatanga nk'uko Kristo yatanze ndetse n'uko n'ubu atanga, aba arimo kubigisha icyo Yesu yigishije agira ati: Tugomba kumera cyangwa gusa na Kristo. Mbese birashoboka?

Icyanditswe gikomeye cyane kurusha ibindi mu Isezerano Rishya ni ikihe? Jyewe mbona ari: *"Kristo uri muri jye, ari byo byiringiro by'ubwiza."* Pawulo avuga ibyo yarimo kuvuga ati: "Nahagurukijwe na Data kugira ngo ngire ibanga mbwira itorero. Kandi iryo banga ni iri, ni uko Kristo uri mu mitima yanyu ari we byiringiro mufite byonyine." (Abakolosayi 1:27)

Iyi nyigisho ya Yesu ivuga ibintu bidashoboka, uretse n'ibyo ahubwo nta n'ubwo byumvikana, cyeretse ari uko iki gitangaza gikomeye kibaye: "Kristo muri wowe; wowe muri Kristo," ndetse "Hamwe na we." Icyo ni cyo cyanditswe nkunda cyane

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

mu Isezerano Rishya! Ubwo rero wakwitondera iki cyanditswe maze ukagerageza gusubiza ibi bibazo bigira biti: “Yesu yavuze iki? Ni iki yari ashatse kuvuga?” Ni iki jyewe bimbwira?” Umurongo wa Bibiliya nkunda cyane muri iki cyanditswe uhamanya n’umugambi ndetse n’intego ya Yesu y’uwo mwiherero wa mbere wa Gikristo. Yesu yarabajije ati: “Ni iki ukora neza kurusha abandi?”

Nk’uko nigeze kubivuga, umunyu ugomba kuba utandukanye n’inyama usigwa kugira ngo ushobore kurinda izo nyama kubora. Hari Bibiliya zivuga ngo: “Nimukunda ababakunda gusa, muba mugaragaje buntu ki?” (Matayo 5:46) Bivuze ko nta buntu bisaba kugira ngo dukunde abadukunda ariko bigasaba ubuntu budasanzwe gukunda abanzi bacu.

Umwandiko uruhije cyane muri iki cyanditswe cyose utubaza ikibazo kigira kiti: “Haba hari ikintu mu buzima bwacu cyasobanurwa gusa n’ibanga ry’umwuka rivuga ko Umwami wacu wazutse atuye muri twe?”

IGICE CYA GATANU

“Imyitozo yo mu Mwuka n’Indangagaciro z’Ikijyejuru”

(Matayo 6:1-34)

Yesu ashishikariza abigishwa be kwisuzuma kandi bakamenya imyumvire ihirwa igomba kuba mu mitima yabo. (Matayo 5:3-12) Arangije abashishikariza kureba ababazengurutse maze bashyire iyo myumvire myiza mu mibano yabo na bo. (5:13-48) Aho yagiye kurangiriza kubigisha uko iyo myumvire yashyirwa mu ngiro mu mibano yabo, cyane cyane mu banzi babo, mu bagome, ndetse n’abo bahatana nabo, bari biteguye kwiga icyo ykurikijeho abigisha.

Igice cya gatandatu kigaragaza Yesu abwira abigishwa be kureba mu kindi cyerekezo. Noneho ashishikariza abigishwa be gushaka bareba hejuru, ikintu bamaze kumenya ko bakeneye. Ubwo kuba umwigishwa bisobanuye kuba waramaze gufata umwanzuro wo kuba umuntu uyoborwa n’imyitozo runaka, yababwiye gukora igikorwa buri muni cyo kureba hejuru ubwo yabigishaga ukuntu kubaho ubuzima bw’umwuka, cyangwa kugira indangagaciro cyangwa imyitozo y’ikijyejuru bigomba guhabwa ibanze mu buzima bwabo bwa buri muni.

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Igikorwa Cy'Umwuka Cyo Gutanga

“Mwirinde ntimugakorere ibyiza byanyu imbere y’abantu kugira ngo babarebe, kuko nimugira mutyo ari nta ngororano muzagororerwa na So wo mu ijuru. Ahubwo nugira ubuntu, ntukavuze ihembe yawe nk’uko indyarya zigira mu masinagogi no mu nzira ngo bashimwe n’abantu. Ndababwira ukuri yuko bamaze kugororerwa ingororano zabo. Ahubwo wehoho nugira ubuntu, ukuboko kwawe kw’ibumoso kwe kumenya icyo ikw’iburyo gukora, ahubwo ugire ubuntu bwawe wiherereye. Nuko So ureba ibyihereye azakugororera.” (Matayo 6:1-4)

Mbonye ko ubukiranutsi bw’abanditsi n’Abafarisayo bwari intambike nyamara ubukiranutsi Yesu yigishije kandi yasabye ko abigishwa be bagira bwari ikijyejuru. Imirongo ine ya mbere y’iki gice cya gatandatu isobanura neza iryo tandukaniro. Nubwo tutumva ko ibi byashoboka muri iki gihe turimo, mu by’ukuri Abafarisayo bagendanaga impanda ntoya cyangwa twavugaga nka vuvuzela mu myenda yabo, maze mbere yuko bashyira igiceri mu gikombe cy’uwasabirizaga, babanzaga kuvuza iyo mpanda. Bashakaga ko abantu babona ko batanze ngo babubahire gutanga kwabo ndetse

n’ubukiranutsi bwabo.

Yesu yababwiye ijamba ryiza cyane ryerekeye kuri iyi mikorere. Ni ijamba “Indyarya!” Aba Bafarisayo bari bameze nk’abakinnyi b’Abagiriki bakinaga inkina mico bakambara amashusho maze bagakina bahawe igice baribukine. Aba Bafarisayo bajyaga bakorera ibikorwa byo gukiranuka kwabo imbere y’abantu, kugira ngo babonwe kandi bubahwe n’abantu, ari byo byatumye Yesu atanga aya mabwiriza yagombaga kuyobora imitangire y’abigishwa be. Yababwiye ko abigishwa be bagomba gutanga mu ibanga ndetse bacecetse, ntibemerere n’ukuboko kwabo kw’ibumoso kumenya ibyo ukuboko kw’iburyo gutanze.

Iyo izi ndyarya zashimwaga n’abantu, zabaga zibonye ingororano yonyine zigororewe gutanga kwazo. Abigishwa ba Yesu bagomba guha Imana mu ibanga, kuko Imana ibona ibitangiwe mu ibanga. Iyo babigenjeje batyo, Imana ibagororerera mu ruhame, ibi kandi ni byo kwizera no kuramya bivuze. Igice cyo muri Bibiliya cyigisha ku kwizera kitubwira ko: *“Uwegera Imana akwiye kwizera yuko iriho, ikagororera abayishaka.”* (Abaheburayo 11:6)

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Mbere yuko ducira imanza aba Bafarisayo, tugomba kwibaza niba tutajya tuvuzura impanda iyo dutanga kuburyo abantu bamenya ibyo dutanze. Nk'umushumba, maze kumenya ko amafaranga menshi atangwa n'umuntu kugira ngo jyewe nk'umushumba cyangwa itorerwa ryose rimenyeye ayatanzwe. Bambwiye ko ari byiza gutanga menshi cyangwa byinshi utavuze, hanyuma bikamenyekana!

Tugomba kubona ko umwitozo wa mbere wo mu mwuka Yesu yasabye ko abashaka kuba igisubizo cye bagomba kugira, kugira ngo babe umunyu n'umucyo w'isi, ni umwitozo w'ubusonga. Nyuma yahoo Yesu aza kuvuga ko Imana izima ubutunzi bw'ukuri cyangwa imigisha y'umwuka umwigishwa utari igisonga cy'izerwa. (Luka 16:10,11) Ibi bituma gutanga biba kimwe mu bintu by'ingenzi cyane mu buzima bw'umwigishwa wa Yesu.

Igikorwa cy'Umwuka cyo Gusenga

Yesu avugaga ko tugomba kugira iyi myumvire iyo yigisha abigishwa be gusenga, agira ati: *“Nimusenga ntimukamere nk'indyarya, kuko bakunda gusenga bahagaze mu masinagogi no mu nzira ngo abantu babarebe. Ndababwira ukuri yuko bamaze kugororerwa ingororano zabo. Wehoho nusenga ujye*

winjira mu nzu ubanze ukinge urugi, uhereko usenge So mwihereranye. Nuko So ureba ibyihereye azakugororerwa. 'Namwe nimusenga, ntimukavuge amagambo muyasubiramo hato na hato nk'uko abapagani bagira, bibwira ko kuvuga amagambo menshi ari byo bituma bumvirwa. Nuko ntimugase na bo, kuko So azi ibyo mukennye mutaramusaba. Nuko musenge mutya muti “ 'Data wa twese uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe, Ubwami bwawe buze, Ibyo ushaka bibeho mu isi, Nk'uko biba mu ijuru. Uduhe none ibyokurya byacu by'uyu muni, Uduharire imyenda yacu, Nk'uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu, Ntudukane mu bitwoshya, Ahubwo dukize Umubi, Kuko ubwami n'ubushobozi n'icyubahiro ari ibyawe, none n'iteka ryose. Amen.' Kuko nimubabarira abantu ibyaha byabo, na So wo mu ijuru azabababarira namwe, ariko nimutababarira abantu, na So na we ntazabababarira ibyaha byanyu.’” (6:5-15)

Gusenga ntabwo ari ukubwiriza. Nitujya dusengera mu iteraniro ryo kuramya, cyangwa turi kumwe n'abandi, tugomba kujya twibuka aya mabwiriza ya Yesu kandi tukazirikana ko tuvugana n'Imana. Yesu atwereka uko twamenya ko turimo kuvugana n'Imana iyo dusenga, iyo aha agaciro cyane

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

gusengera mu ibanga kurusha gusengera mu ruhame rw'abantu. Atubwira kujya mu cyumba cyangwa ahantu hose twaba twiherereye, tugakinga inzugi kuko ari muntu wundi icyo gihe twashimisha uretse Imana gusa.

Nyuma yo kugaragaza imyumvire umwigishwa we agomba kugira mbere yuko atangira gusenga, Yesu noneho abigisha gusenga. Aduha isengesho ry'ikitegererezo rigomba kwitwa "Isengesho ry'Abigishwa." Rijya ryitwa "Isengesho ry'Umwami," ariko ntabwo ari ko rigomba kwitwa kuko Umwami atigeze asenga iri sengesho. Yaravuze ngo, "Mujye musenga mutya."

N'ubwo iri ari isengesho kandi amagambo ndangamuntu arigize akaba agaragaza ko rigomba gusengwa n'abari kumwe, ni urugero rw'isengesho, cyangwa icyitegererezo cy'isengesho rigamije kutwigisha uko tugomba gusenga. Luka agaragaza ko Yesu yatanze iri sengesho asubiza abigishwa be ubwo bamusabaga bati: "Mwami, twigishe gusenga." (Luka 11:1-4)

Igisobanuro cy'iri sengesho Yesu yigishije ni ukwizingira Imana inshuro eshatu ushaka ubushake bwayo ndetse n'inshuro ennye zo kwizingira abantu. Isengesho riyobowe n'ijuru ni isengesho ryibanda ku byishimirwa n'Imana. Ubutumwa bwa Bibiliya wabushyira mu magambo abiri, ari yo, "Imana

mbere." Kwizingira gutatu kubanza gushishikariza umwigishwa gusengera icyo Imana yishimira mbere yuko dusengera ibyifuzo by'umuntu bwite. Kwizingira gutatu kwa mbere ko muri iri sengesho gushyira Imana mbere ni: "Izina ryawe ryubahwe, Ubwami bwawe buze," na "Ibyo ushaka bibe."

Isengesho ry'umuntu yisengera asabira ibyifuzo bye cyangwa by'abandi riba rigizwe n'icyo umwigishwa ekeneye. Amasengesho ane yo kwisabira ni: "*Uduhe none ibyokurya byacu by'uyu muni, uduharire imyenda yacu, nk'uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu, ntuduhane mu bitwoshya, ahubwo udukize Umubi.*"

Yesu arimo gushishikariza abigishwa be kujya mu kubaho kw'Imana maze bite Imana "Data wa Twese!" Iki cyari ikintu gikomeye cyane ku bigishwa bumvise Yesu abigisha. Bose bari Abayuda bari barigishijwe mu buzima bwabo bwose ko bagomba kwegera Imana nk'Imana iteye ubwoba yagombaga kwegera n'umutambyi gusa. Yesu noneho we ababwira Imana ibana n'abantu kandi yita kuri buri cyifuzo cyose cy'umwigishwa wa Kristo. David nawe yavuze Imana ikunda kandi yegerwa na buri muntu ubwo yagiraga ati: "Uwiteka niwe mwungeri wanjye." (Zaburi 23)

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Nyuma yo kwita Imana Data, hari ukwiringa gutatu kutwigisha gusenga amasengesho “y’Imana mbere”, akaba ari yo: Izina ryawe, Ubwami bwawe n’Ubushake bwawe. Izina ry’Imana niryo risobanura Imana iyo ari yo ndetse n’icyo iri cyo. Umwigishwa aba asenga ngo, “Mana, ndashaka kubaho kuburyo abandi bambona bakamenya kandi bagahimbaza uwo uri we n’icyo uri cyo.”

Barangiza bagasenga ngo, “Ubwami bwawe buze.” Ibi bivuze ko Imana ari Umwami kandi iyo bayigize Umwami wabo baba babaye abo mu Bwami bwe. Barasenga bati, “Data, ntabwo ndimo kwiyubakira umwami. Ndashaka ko Ubwami bwawe butwarira muri jye kandi ndashaka kubaho nk’umuyoboke wizerwa kandi uganduka.

Kwisabira kwa gatatu ni igisobanuro cyo gusaba kwa kabiri: “Ibyo ushaka bibe mu isi nk’uko biri mu ijuru.” Igihe yari yegereje gufatwa no kubambwa, Yesu yabize ibyuya by’amaraso asenga ati, “*Data, niba bishoboka iki gikombe kindenge, ariko bye kuba uko jyewe nshaka, ahubwo bibe uko wowe ushaka.*” (Matayo 26:39)

Iri sengesho ni ryo tugomba kuryita “Isengesho ry’Umwami” kuko ari ryo sengesho Yesu yasenze. Yesu ntabwo yigishije abigishwa be gusenga uku kwiringa kwa gatatu. Yatanze iri sengesho ry’icyitegererezo ubwo yari ageze mu kibazo cye gikomeye cyane.

Pawulo atubwira ko dufite Ubutunzi bwa Kristo wazutse mu nzabya zacu zo ku isi (imibiri yacu), kugira ngo bigaragarire bose ko isoko y’imbaraga zo mu bugingo bwacu ari mu Uwiteka atari muri twe. Umwanditsi nubaha cyane avuga ko isengesho rya gatatu rigomba kuvuga “mu isi” aho kuvuga ngo ku isi.” Avuga ko Yesu yavugaga ko tugomba gusaba Data wo mu ijuru gukorera ubushake bwe mu nzabya zo mu isi, nk’uko ubushake bwayo buri mu ijuru. Birumvikana ko ubushake bwa Data nibukorwa mu mibiri yacu buzaba bukozwe mu isi ari twe akoresheje.

Uko kwiringa gutatu kw’Imana kugomba guha ubutumwa buri mwigishwa wa Yesu ko batagomba kujya mu byumba byo gusengeramo, cyangwa mu materaniro rusange bazanye, “Urutonde” rw’ibyobyifuza kugira ngo Imana ibibahe. Nibajya bajya gusenga, bagomba kujya bajya mu kubaho kw’Imana

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

bafite urupapuro rwanditseho ubusa maze bagasaba Imana ngo ibandkireho ibyo yifuza ko bakora. Mu byumba byabo ndetse no mu materaniro rusange, bagomba kumera nk'ingabo ziza mu kazi k'umutware mukuru ndetse n'umwami.

Ubwo Yesu yagaragazaga ko kwinginga gutatu kwa mbere kugomba kubanziriza gusengera ibyifuzo by'umuntu, yarimo kwigisha ko gusenga atari ukwinigira Imana ngo igukorere ibyo wifuza. Gusenga bivuze guhuza ubushake bwacu n'ubw'Imana ndetse no kugandukira ubushake bw'Imana. Gusenga ntabwo ari ukugira Imana umufatanyika bikorwa wacu ahandi tugashyira Imana mu migambi yacu. Nk'uko byagaragajwe na Yesu, gusenga bivuze Imana kutugira abafatanyika bikorwa bayo no kudushyira mu migambi yayo.

Gusenga ko kwiyiyingingira

“Uduhe none ibyokurya byacu by'uyu munsi...”

Tugomba gukomezamo kurebera mu ndorerwamo y'Imana mbere tugera ku gice cya “mpa” cy'iri sengesho ryigishijwe na Yesu. Kwinginga gutatu kwa mbere kugomba kudufasha gusobanura intego yacu iyo twegera Imana yacu tuyisaba ibyo

twifuza. Ni iki gituma dushaka ko Data wo mu ijuru aduha ibyokurya byacu by'uyu munsi, umunsi ku wundi? Tugomba gusaba Data wo mu ijuru kuduha umutsima wacu wa buri munsi kuko dukeneye kubona Imana iyo ari yo ndetse n'icyo iri cyo, no kubahwa n'abantu kuyirama hano ku isi binyuze muri twe.

Iri sengesho rya Yesu ritwigisha ko tugomba gusenga ngo “uyu munsi” na buri munsi nidushyira Data wo mu ijuru ndetse n'umuremyi wacu ibyifuzo byacu. Itegereze uko Yesu yanzura igice cya gatandatu cy'ubutumwa bwiza bwanditswe na Matayo yongerera gushimangira ngo: “Ntimukiganyire mutekereza iby'ejo, kuko ab'ejo baziganyira iby'ejo. Umunsi wose ukwiranye n'ibibi byawo.” (34) Mu yandi magambo, mube umunsi umwe kuri umwe.

Muri uku gusabira abantu kwa mbere, Umwami arimo gukoresha urugero rw'umutsima cyangwa umugati avuga ibyifuzo byacu byose. Umutsima ni urugero rutagomba kwitirirwa icyifuzo cyacu cy'ibyokurya gusa ahubwo ruhagararira buri cyifuzo dufite nk'abaremwe n'Imana. Tugomba kubona umutsima cyangwa ibyokurya buri munsi

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

kugira ngo bitunge imibiri yacu, kandi n’ubugingo bwacu n’umwuka wacu bigombwa kwitabwaho cyangwa kugaburirwa manna yo mu ijuru buri muni, uko bwije n’uko bukeye.

“Uduharire imyenda yacu, Nk’uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu.”

Kwiyingingira gutatu gukurikiraho kwerekeza ku byifuzo byacu byo mu mwuka. Kwiyingingira kwa kabiri ni uko kubabarirwa kandi gukurikirwa no kwingingira kuyoborwa no gucungurwa. Ihame ry’uko bwije n’uko bukeye tubona mu kwingingira ibyokurya bya buri muni rigomba no gushyirwa mu ngiro muri uku kwingingira gutatu kw’ibyifuzo by’umwuka. Kubabarira, kuyoborwa no gucungurwa na byo ni ibyifuzo tugira buri muni. Umwuka w’uku kwiyingingira gutatu ni: “Uduhe ibyokurya byacu by’uyu muni buri muni, harimo n’icyifuzo cyacu cyo kubabarirwa, kuyoborwa ndetse no gucungurwa.”

“Ntduhane mu bitwoshya...”

Dushingiye ku byanditswe na Yakobo, tubona ko Imana

itoshywa gukora ibibi kandi nta muntu ijya yoshya (Yakobo 1:13) Tukiri muri iyi nyigisho, kuki Umwami wacu yatwigisha gusenga Imana Data, itajya yoshya umuntu ngo, “Ntduhane mu bitwoshya?”

Nemera ko umwuka w’uku gusenga ushingiyeye ku nyigisho rusange y’ibyanditswe ivuga ko tutari inkingi cyangwa iminara y’imbaraga imbere y’amoshya. Yesu yasobanuye imibereho ya muntu ubwo yavugaga ati, “*Umutima niwo ukunze, ariko umubiri ufite intege nke.*” (Matayo 26:41)

Igihe Yesu yahuraga n’ikibazo gikomeye cyane mu buzima bwe, yasabye intumwa ze ko zimufasha gusenga. Basinziriye yarabakanguye maze arababwira ati, “Nimubyuke musenge kugira ngo mutajya mu moshya.” (Luka 22:46) Bisa nkaho yari ashatse kuvuga ngo, “Muramutse mumenye imbaraga z’ikibi n’intege nke z’imibiri yanyu, muba muri maso musenga kugira ngo mutagwa mu moshya.” Ubwo Yesu yavugaga uku kwiyingingira kwa gatatu kugira kuti, “Ntduhane mu bitwoshya,” yarimo gukomezamo gikorwa cyo gusobanura imiterere ya muntu, kamere yacu, “kamere yacu idafashijwe n’Imana.” Ntekereza ko uku gusenga kwa gatatu kwaba

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

kuvugitse neza usenze utya, “Tuyobore, nibwo tutazisanga twaguye mu moshya kugira ngo dukore icyaha.”

“...Ahubwo udukize Umubi.”

Mu ndirimbo ya kera, uwitwa Martin Luther yaratwihanije atubwira ko dufite umwanzi wo mu mwuka wa kera utajya utwifuriza neza. Yanga kandi arwanya buri kintu Kristo ashaka gukora muri twe ndetse binyuze muri twe. Uburiganya n'imbaraga za Satani birakomeye, kandi agizwe n'urwango rubi cyane, ku isi nta n'umwe wagereranywa na we. Iyo tutaza gufashwa n'umugabo wahiswemo n'Imana, tukiringira imbaraga, umwete wacu wose uba warabaye impfabusa. Urabaza uti uwo ni nde? Ni Yesu Kristo!

Iri sengesho ryo gukizwa umwanzi wacu wa kera na ryo rigomba gusengwa buri muni.

Umugisha wo Gushyira Imana ku mwanya wa mbere

“Kuko ubwami n'ubushobozi n'icyubahiro ari ibyawe, none n'iteka ryose.” Yesu yatwigishije gutangira gusenga ndetse no gusozza gusenga dufite imyumvire yo kuba Imana ari iya mbere cyangwa iri ku mwanya wa mbere igira iti: “Umwami bwawe nibuze,” kandi “ubwami ni ubwawe.” Igihe Yesu yavugaga uyu

mugisha, yarimo kutwigisha gusozza gusenga kwacu duhigira Imana umuhigo ko ingaruka ndetse n'icyubahiro byo gusubiza gusenga kuvugwa muri iri sengesho bizahora ari ibye.

Mu Ncamake

Isengesho Yesu yigishije ridushishikariza kwerekeza amasengesho yacu ku Mana Data. Ntabwo tubwirwa gusenga Yesu cyangwa Umwuka Wera. Tubwirwa kubwira Imana nka Data wo mu ijuru, utunganye rwose. Tugomba gutangira duhera ku bintu bitatu bivuga Imana. Izina Ryawe, Ubwami Bwawe, n'Ibyushaka. Ibi bintu bitatu bigomba gukurikirwa no kwinginga k'uburyo bune, ari ko: Duhe, Duharire (Tubabarire), Ntudahane, na Dukize. Hanyuma tukabwirwa gusozza gusenga kwacu twatura turi, “Kuko ubushobozi bwo gusubiza amasengesho yanjye buturuka kuri wowe, ingaruka cyangwa inyungu zizahora ari izawe kandi icyubahiro kizahora ari icyawe. Bibe uko!”

Igikorwa cyo Kwiwiriza

Kimwe no gutanga no gusenga, Yesu yigishije ko igikorwa cy'umwuka cyo kwiwiriza na cyo kigomba kuba icy'ikijyejuru. (16-18) Itegereze ko Yesu atavuga ngo, “Nimwiwiriza” ahubwo

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

aravugaga ngo “Uko mwiwirije.” Yabwiye abigishwa be ngo uko bazajya biwiriza, ntibakagaragaze ku maso ko bashonje nk’uko wavugaga uti ndimo gusozwa umunsi wa kane wo kwiyiriza ariko ndumva ngiye kwitura hasi!” Yesu yababwiye kugira ku maso hakeye nibaba biwiriza.

Nk’uko gutanga bitanga amahirwe yo kugera igipimo cyo kwiyemeza kwacu ku gushyira “Imana mbere”, kwiyiriza nako kuduha amahirwe yo kugera igipimo duheraho agaciro iby’umwuka kurusha iby’umubiri kandi bigaragaza ukuri ko gusenga kwacu. Dushingiye kubyavuzwe na Yesu, tubona ko hari ibitangaza bibaho gusa kubwo gusenga no kwiyiriza. (Matayo 17:21)

Indangagaciro z’umwigishwa z’ikijyejuru

“Ntimukibikire ubutunI mu isi, aho inyenzi n’ingese ziburya, kandi abajura bacukura bakabwiba. Ahubwo mwibikire ubutunzi mu ijuru, aho inyenzi n’ingese zitaburya, n’abajura ntibacukure ngo babwibe, kuko aho ubutunzi bwawe buri ari ho umutima wawe uzaba.

Itabaza ry’umubiri ni ijisho. Ijisho ryawe nirireba neza, umubiri wawe wose uba ufite umucyo, ariko niriba ribi, umubiri wawe wose uba ufite umwijima. Nuko umucyo ukurimo nuba umwijima, mbega uwo mwijima uko uba ari mwinshi!”

Nta wacyeza abami babiri kuko yakwanga umwe agakunda undi, cyangwa yaguma kuri umwe agasuzugura undi. Ntimubasha gukorera Imana n’ubutunzi.” (Matayo 6:19-24)

Yesu yari atangiye kugaragaza indangagaciro z’umwigishwa ufite imyumvire ihirwa muri we. Dushingiye ku nkusanyamagambo, indangagaciro ni: “Ikintu cyifuzwa cyangwa gikwiriye gushimirwa.” Imwe mu mpamvu ituma abantu bari munsi y’umusozi bagira ibibazo byinshi cyane ni uko badafite indangagaciro zikwiriye. Kugira abigishwa be bashobora guhindura abantu nk’umunyu n’umucyo nibagaruka muri rubanda nyamwinshi bari munsi y’umusozi, aba bigishwa bagomba kugira indangagaciro agiye kubigisha.

Nyuma y’amagambo Yesu yavuze atangiza umwiherero yigisha ko batagomba gutwarwa n’ubutunzi bushira cyangwa bakwakwa, Yesu yavuze ibintu bitatu by’ingenzi ku

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

ndangagaciro. Ikintu cya mbere yavuze ni urwego ruhanitse cyane abigishwa be bagomba kugeresha indangagaciro zabo: *“kuko aho ubutunzi bwawe buri ari ho umutima wawe uzaba.”* Mu yandi magambo, “Nyereka ubutunzi bwawe uraba unyeretse umutima wawe n’indangagaciro zawe.”

Ibi abikurikiza ikibazo gikomeye cyane umwigishwa we yabaza, agira ati: “Tubona dute ibintu?” Iyo Yesu avuze ngo, “Ijisho ryawe nirireba neza,” (6:22) aba avuga imyumvire yabo. Indangagaciro nziza nizo zitandukanya umubiri wuzuye umucyo (ibyishimo, kwera, imigisha), n’umubiri wuzuye umwijima, cyangwa akababaro.

Kwihaniza kwe ni uko indangagaciro mbi zaganisha cyangwa zatera kubura ibyishimo. icyo nabonye ni uko iyo abayobozi b’isi nk’abishe miliyoni z’abantu, mu Bushinwa, mu Burusiya no mu Budage bagira imyumvire mibi, bigatuma isi yose icura umwijima mwinshi cyane.

Ijambo rya gatatu ritangaje yavuze ku ndangagaciro ni bumwe mu buryo bukomeye akoresha abahamagarira kwiyemeza no kumaramaza. Ntabwo byashoboka ko bagira imirebere ibiri yo

mu mwuka kandi bakaba abigishwa be. Ntabwo bacyeza abami babiri- Imana n’impiya cyangwa amafaranga.

Ubutumwa Dukuramo

Tugomba kugira icyo dukora kuri uku guhigwa, duhigwa na Yesu. Mbese dutwarwa n’ubutunzi buzashira cyangwa n’ubutunzi bw’iteka ryose? Dushingiye kubyavuzwe na Yesu, icyo kibazo duhabwa igisubizo cya cyo iyo tugenze imirimo yacu, cyangwa ibyo dukora buri muni; imyumvire yacu, cyangwa ibyo dutekereza buri muni; ibyo twifuza, cyangwa ibitwihebesha buri muni; imigambi yacu, cyangwa ibyo dushakisha buri muni, ndetse n’ibyo twiyegurira, uwo n’icyo dukorera buri muni.

Avuga ibyo, Yesu yarimo kuvuga ijambo rikomeye ko umwigishwa we atamukorera nk’Umwami we hanyuma agakorera undi cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose. Ubwo yavuze aya magambo ayakomoza kuri iyi nyigisho y’indangagaciro, urwego rwe arimo gushyiraho ni uko umwigishwa we atakorera Imana n’amafaranga.

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Indangagaciro z'Umunyonyi n'Umucyo

“Ni cyo gitumye mbabawira nti: ‘Ntimukiganyire ngo mutekereze ubugingo muti ‘Tuzarya iki?’ Cyangwa muti ‘Tuzanywa iki?’ Ntimwiganyire ngo mutekereze iby’umubiri wanyu ngo ‘Tuzambara iki?’ Mbese ubugingo ntiburuta ibyokurya, umubiri nturuta imyambaro? Nimurebe ibiguruka mu kirere: ntibibiba, ntibisarura, ntibihunika mu bigega, kandi So wo mu ijuru arabigaburira na byo. Mwebwe se ntimubiruta cyane? Ni nde muri mwe wiganyira wabasha kwiyunguraho umukono umwe? None se ikibaganyisha imyambaro ni iki? Mutekereze uburabyo bwo mu gasozi uko bumera: ntibugira umurimo, ntibuboha imyenda, kandi ndababwira yuko Salomo mu bwiza bwe bwose, atarimbaga nk’akarabyo kamwe ko muri ubu. Ariko Imana ubwo yambika ubwatsi bwo mu gasozi ityo, buriho none ejo bakabujugunya mu muriro, ntizarushaho kubambika mwabafite kwizera guke mwe?’” (Matayo 6:25-30)

Nubwo muri iyi mirongo hashimangirwa cyane uko wakemura ikibazo cyo kwiheba, ikintu Yesu yavugaga ni indangagaciro. Itegereze ibibazo makumyabiri abaza icyo atanga izi ndangagaciro. Ni ibibazo nka: Umubiri wawe ni iki? Ufite

gaciro ki cyangwa agaciro kawe ni akahe? Kuki wihebesha n’ibyo udafiteho ububasha? Mbese wizera ko Imana igaburira inyoni, ikambika indabyo yakugaburira kandi ikakwambika?

“Nuko ntimukiganyire mugira ngo ‘Tuzarya iki’ Cyangwa ngo ‘Tuzanywa iki?’ Cyangwa ngo ‘Tuzambara iki?’ Kuko ibyo byose abapagani babishaka, kandi So wo mu ijuru azi ko mubikwiriye byose. Ahubwo mubanze mushake ubwami bw’Imana no gukiranuka kwayo, nibwo ibyo byose muzabyongererwa. Ntimukiganyire mutekereza iby’ejo, kuko ab’ejo baziganyira iby’ejo. Umunsi wose ukwiranye n’ibibi byawo.’” (31-34)

Irindi jambo risobanuye indangagaciro ni iby’ibanze. Dushingiye ku ndangagaciro zacu, buri mwigishwa wa Yesu agomba kugira “intego y’ibanze”. Yesu asoza inyigisho ye ku ndangagaciro avuga ko inshingiro ry’intego y’ibanze y’umwigishwa we rigomba kuba gutegeka kw’Imana ku mutima we cyangwa ku bugingo bwe. Izindi nziga zigota umutima zigomba kugenwa n’Umwami w’Abami ndetse Umutware w’Abatware igihe amwereka ibikwiriye. Agira isezerano rya Yesu rivuga ko ibyo byose bibatera kwiheba no kwiganyira buri munsi, bazabihabwa na Se wo mu ijuru.

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Ndagushishikariza kwatura izi ndangagaciro za Yesu Kristo. Jyewe n'umufasha wanjye twahisemo gusaba gusohozwa kw'iri sezerano rya Yesu igihe twashyingirwaga kandi dutangira itorero. Yesu yatubereye umwizerwa asohozwa isezerano rye ku buzima bwacu uherye mu mwaka wa 1956. Imana ntabwo yigeze inanirwa kuduha ibyo dukeneye kandi izakugaragariza ko iri sezerano rya Yesu ari ukuri nuyishyira ndetse n'ibyo ishaka ko ukora, ku mwanya wa mbere mu buzima bwawe.

IGICE CYA GATANDATU

“Ubutumire”

(Matayo 7:1-27)

Muri iki gice cya nyuma cy'Ikibwiriza cyo ku Musozi, dusoma ko Yesu yasoje ikibwiriza cye gikomeye cyane ubwo yasabaga abari bumvise ikibwiriza cye guhitamo niba bashaka kuba umunyu w'isi cyangwa kuba imbura mumaro. Yesu yari umwigisha mwiza cyane kuruta abandi bose iyi si yagize. Yasoje uyu mwiherero wa mbere wa Gikristo” abwira abumvise aya magambo ati, “Icyo twizera cyangwa twemera, turagirakora. Ibindi byose ni amagambo y'idini gusa, kandi nta muntu ukeneye amagambo y'idini!”

Yesu yigishije abigishwa be kwirebamo imbere maze bakamenya ko imyumvire ye uko ari umunani izabagira umunyu n'umucyo ya mbaga y'abantu ikeneye cyane. Yanabigishije kureba ababazengurutse maze bagashyira mu ngiro iyi myumvire y'uhirwa mu mibano yabo. Ibi byarabagoye cyane ku buryo bari biteguye neza kumva guhumurizwa kwabo ababwira kureba hejuru maze bakakira imbaraga zitangwa n'Imana- imikoro y'umwuka n'indangagaciro bari bakeneye cyane kugira ngo babashe kwireba imbere ndetse no kureba ababazengurutse uko bagomba kubigenza.

Ikibazo Yesu arimo kubaza ni, “Uzabikoresha iki ibyo wamenye?” Igihe cyose iyo yigishaga yashimangiraga ishyira mu bikorwa ry'ibyo yigishije. Nyuma amaze kuhagira ibirenge by'intumwa ze akabigisha guca bugufi yaravuze ati, “*Nimumenye ibyo, murahirwa niba mubikora!*” Anabaza ikibazo ati, “*Mumpamagarira iki muti 'Databuja, Databuja,' nyamara ntikumukore ibyo mvuga?*” (Yohana 13:17; Luka 6:46)

Arangije agiha abumvise ikibwiriza yabwirije mu buryo butatu, ati: “Mbere yuko muva kuri uyu musozi, nimwiyemeze

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

burundu kwirebamo imbere, kureba impande zanyu ndetse no kureba hejuru.”

“Ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu kugira ngo namwe mutazarucirwa, kuko urubanza muca ari rwo muzacirwa namwe, urugero mugeramo ari rwo muzagererwamo namwe. Ni iki gituma ubona agatotsi kari mu jisho rya mwene so, ariko ntiwite ku mugogo uri mu jisho ryawe? Cyangwa wabasha ute kubwira mwene so uti ‘Henga ngutokore agatotsi mu jisho ryawe’, kandi ugifite umugogo mu jisho ryawe? Wa ndyarya we, banza wikuremo umugogo uri mu ryawe jisho, kuko ari bwo wabona uko utokora agatotsi mu jisho rya mwene so. Ibyejewe by’Imana ntimukabihe imbwa, kandi n’imaragarita zanyu ntimukazite imbere y’ingurube, kugira ngo zitaziribata maze zikabahindukirana zikabarya.”
(Matayo 7:1-6)

Yesu yagiraga urwenya cyane. Hari ubwo yakoresheje urwenya kugira ngo asobanure neza ukuri yabaga yigisha. Urugero, yavuze ko aba bakuru b’idini bamimina umubu ariko ingamiya bakayimira bunguri.” (Matayo 23:24) Kugira ngo asobanure neza ko abigishwa be batagomba kuba indyarya,

Yesu yabajije ibibazo, ari byo: “Kuki urimo gushakisha umurama mu jisho ry’undi muntu kandi ufite umugogo mu ryawe jisho? Wafasha ute undi muntu gukura umuraba cyangwa igitotsi mu jisho rye kandi ufite umugogo mu ryawe?”

Hari umugabo wagiye kubonana n’umushumba we. Yari yikoreye amababi y’amashu ku mutwe we, n’amagi abiri atetse umureti n’uduce tubiri tw’inyama z’ingurube, kamwe kuri buri gutwi. Maze umushumba wari watunguye aramubaza ati, “Urashaka ko ngufasha nte?” Uwo mugabo aramusubiza ati, “Mushumba, ndagira ngo nkuganirize kuri mwene data!” Hari abantu bishimira cyane ibibazo by’abandi. Hari ubwo bacira abandi imanza cyane ndetse bagakunda kubarenganiriza ibibazo bafite byose, kandi bigaragarira abantu bose ko ari bo kibazo ahubwo.

Yesu asobanura neza aba bantu akoresheje uru rugero rurimo urwenya no gushishoza. Yabajije ibibazo bibiri bikomeye: “Kuki urimo gukora ibi bintu?” Na, “Ni gute wabona intsinzi?” Intego y’iyi nyigisho ni iyi: iyemeza kwireba imbere muri

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

wowe maze ukure umugogo mu jisho ryawe kugira ngo ubashe gufasha abandi bantu gukura ibyo bitotsi bibari mu maso.

Amagambo ya Yesu akurikiraho nta rwenya rugaragaramo. Yesu yakoresheje urugero rwe mu rwenya muri ubwo yavugaga ati: “Wa ndyarya we! Banza ukure umugogo uri mu jisho ryawe, maze ushobore kubona neza kugira ngo ufashe mwene so gukura igitotsi kiri mu jisho rye.” Kuko iyi nyigisho itangirana n’ijambo rivuga ko tutagomba gucira abandi imanza, abantu benshi batekereza ko ari ko kuri konyine Yesu yarimo kwigisha.

Mu by’ukuri yarimo kwigisha ko iyo bigeze mu bibazo by’imibanire n’abantu, umwigishwa wa Yesu agomba kujya mu “Ishyirahamwe ry’abashyira Imana imbere.” Umwigishwa wa Yesu agomba kwemerera Imana igakemura ibibazo bye mbere yuko yafasha abandi gukemura ibibazo byabo. Nuko rero, ntibagomba gucira abandi imanza. Yigisha ko, “Banza wicire urubanza, maze ubone gufasha abandi bafite ibibazo!

Yongeye kuri iyi nyigisho ko imibanire ari urujya n’uruza. Igiseke ugereramo abandi nabo ni cyo bazakugereramo. Uru ni

urugero rwakoreshwaga mu kazi ka buri muni. Iyo wakekaga ko umucuruzi mugenzi adakoresheje ibipimo bizima, iyo nawe wamugurishaga ibyawe, wamubwiraga ko mukoresha ibipimo yakoresheje ubwo waguraga ibye. Aho niho yasoreje inyigisho ye ku kubana n’umwigishwa mugenzi wawe.

Inyigisho yigishije ku marigarita n’ingurube itanga incamake y’inyigisho ye yigishije ku kubana n’abanzi bacu ndetse abagome. Tugomba kwegera aba bantu, ariko birashoboka ko twakwangiza ubuzima bwacu, n’imarigarita zacu kandi nta muntu ushaka ibyo dutanga. Ntabwo tugomba kubaho tudafite tudashishoza cyane tutarobanura imyuka, ahubwo tugomba kuba ibisonga by’ubuzima bwacu n’umurimo w’Imana bifite ubwenge.

Gushishikariza kwe kwa kabiri ni umuhamagaro wo kwiyemeza kureba hejuru: *“Musabe muzahabwa; mushake muzabona; mukomange ku rugi muzakingurirwa. Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n’ukomanga agakingurirwa. Mbese muri mwe hari umuntu umwana we yasaba umitsima akamuha ibuye, cyangwa yamusaba ifi akamuha inzoka? Ko muri babi kandi mukaba muzi guha*

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

abana banyu ibyiza, none so wo mu ijuru ntazarushaho guha ibyiza ababimusabye?” (Matayo 7:7-11)

Igice cya gatandatu cyose cyanditsemo Yesu abigishwa be ashishikariza kureba hejuru maze bagahabwa imyitoto yo mu mwuka n'indangagaciro zitangwa n'Imana. Yarimo kubasaba kwiyemeza burundu kumenya no gushyira mu ngiro iyo myitoto ndetse n'izo ndangagaciro yabigisije ubwo yabashishikarizaga kureba hejuru.

Mu rurimi rw'Ikigiriki, inyagihe zihagararira ibikomezamo gukorwa. Ni muri ubwo buryo rero, iyi mirongo yavugwa gutya, “Musabe kandi mukomeze gusaba... kuko ukomezamo gusaba abona, n'ibindi, n'ibindi.” Ingingo irimo ni uko Yesu arimo guhiga abigishwa be kugira ngo bakomeze kureba hejuru kandi bihanganye. Gushaka ni ugukomezamo gusaba kandi cyane, hanyuma gukomanga ni ugukomeza gushaka kandi cyane. Yesu yarimo guhamagarira abigishwa be kuba abantu bashaka Imana cyane!

Iyi mpuguro isozwa n'isezerano ryiza rivuga ko umuntu wese usaba, ushaka ndetse ukomanga yihanganye azabona,

azahabwa kandi azakingurirwa irembo rigana mu kubaho kw'Imana. Iri sezerano ryiza cyane rikurikirwa no guhamirizwa kwiza cyane kuvuga ko niba twebwe b'abanyabyaha duha ibyiza abana bacu, ubwo rero Data wo mu ijuru, mwiza, udukunda kandi utagira inenge azaha ibyiza abamusaba.

Ntangazwa cyane n'uko muri iki gihe hari abantu bakeya cyane bigisha ndetse bakabwiriza iby'ubu butumire bwa yesu. Ariko kandi nkababazwa n'uko abigishwa bakeya cyane aribo bitabira ubu butumire bwo kuba abigishwa bashaka Imana cyane.

Gushishikariza kwa Yesu kwa gatatu mbere yuko aba bigishwa basubira mu bantu bari babategerereje muni y'umusozi, ni umuhamagararo wo kwiyemeza burundu kureba ababazangurutse: “*Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose mube ari ko mubagirira namwe, kuko ayo ari yo mategeko n'ibyahanuwe.*” (Matayo 7:12)

Yesu asoza ikibwiriza cye n'uyu murongo, witwa “Itegeko Rikuru cyangwa ry'Izahabu.” Niyo nyigisho nkuru cyane

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

yatanzwe kuva aho isi yabereyeho yerekeye ku mibanire y'abantu. Yesu avuga ko iyi nteruro ngufi isohozza Amategeko n'Ubuhanuzi (Isezerano rya Kera), cyangwa ibyanditswe byariho icyo gihe.

Hari umwanditsi wavuze ngo: “Nk’uko bisanzwe, kuri Yesu ibintu bikuru n’ibyo byoroheje kandi ibyoroheje nibyo bikuru.” Icyo yarimo kwigisha avuga ibi ni iki: “Hitamo umuntu mu bantu bari muni y’umusozi. Ishyire mu mwanya w’uwo muntu. Uramutse uri uwo muntu, ni iki wakwifuzaga ko umwigishwa wa Yesu agukorera? Niba uzi igisubizo cy’icyo kibazo, ngaho bigenze utyo- icyo ari cyo cyose gikore! Uku niko Bibiliya yose yigisha ku ngingo y’imibanire y’abantu.”

Shyira mu bikorwa iyi nyigisho mu mibanire yawe n’uwo mwashakanye, abana bawe, ababyeyi bawe, cyangwa se abavandimwe muri Kristo. Shyira mu bikorwa iri tegeko rikuru mu bantu bo mu bundi bwoko. Ubwo rero riba ribaye itegeko rikuru mu mibanire y’abadahuje ubwoko, mu bashakanye, mu muryango ndetse n’abavandimiwe muri Kristo. Kandi ubizirikane, urishyire mu bikorwa mu mibanire yawe n’abanzi bawe.

Ubanza abantu ba mbere Yesu yashakaga ko iyi nyigisho yashyirwa mu bikorwa mu buzima bwabo ari abatazi Kristo kandi badakijijwe. Ubwo rero riba ribaye itegeko rikuru ry’ivugabutumwa.

Ubutumire Bukuru

Nyuma y’inshuro eshatu ahamagarira abigishwa be kwiyemeza, kandi n’iryo Tegeko Rikuru, ubu noneho Yesu avuga amagambo akomeye y’ubutumire bwe. Ntabwo yarimo guhamagara abantu kuza guhabwa iby’ubuntu. Ntabwo yabahamagariraga gukizwa ahubwo yabahamagariraga kuba ibisubizo bye bimaramaje kugira ngo bashyire is ubutumwa mwe.

Ikibanziriza ubutumire butuma abumvise ubutumwa bwiza bakizwa gihera mu Mategeko n’Ubuhanuzi (Gutegeka kwa Kabiri 30:19,20). Gutanga ubutumire cyari ikintu cy’ingenzi cyane mu murimo wa Yesu Kristo ubwo yari ku isi. Ubwo uyu mwiherero wategurwaga ikibazo cyigwagaho cyari, “Mbese nawe uri ikibazo cyangwa urashaka kuba igisubizo? Uri mu mbaga y’abantu bari muni y’umusozi, cyangwa uri kumwe na

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Yesu hejuru y’umusozi?”

Ariko agisoza inyigisho, abiyitaga abigishwa ba Yesu bivuze ko bari igisubizo cye, bumva ubutumire bukomeye. Wibuke ko abantu bose bumvise ubu butumire biyitaga abizera Kristo. Ubu butumire bwahawe abigishwa be bari hekuru y’umusozi. Intego y’ubu butumire ni, uri mwigishwa bwoko ki?

Dore ubutumire ubwo ari bwo: *“Munyure mu irembo rifunganye, kuko irembo ari rigari, n’inzira ijyana abantu kurimbuka ari nini, kandi abayinyuramo ni benshi. Ariko irembo rifunganye, n’inzira ijya mu bugingo iraruhije, kandi abayinyuramo ni bake.”* (13,14)

Hari ibintu bibiri bishoboka. Muri ubu butumire, Yesu avuga inshuro eshatu ko hari ubwoko bubiri bw’abigishwa. Muri iki gice cy’ubutumire, avuga ko hari abake n’abenshi. Abenshi nibo batekereza ko hari uburyo bworoshye bwo kuba igisubizo, kuba umunyu n’umucyo. Ariko ntabwo bajya baba ibisubizo.

Ntabwo bari umunyu urwoshye ndetse n’umucyo umurika cyane; bavuga gusa ko bari byo. Yesu avuga ibyo yarimo

kuvuga ngo, “Nimureba ibiba kuri benshi banyura mu nzira itaruhije maze mugatekereza ko hari uburyo bworoheje bwo kuba igisubizo cyange, mugomba guhitamo kutaba muri benshi.

“Ariko kandi hariho n’abake. Barabizi ko ari nta nzira yoroheje ibaho. Abenshi bazi ko bihera ku irembo rinini rinyurwamo n’inzira ngari kandi iharuye neza, ariko ikagana mu kurimbuka. Bake niba bazi ko iremno ari ritoya kandi inzira inyura muri iryo rembo irafunganye, iraruhije kandi isaba kwihangana. Ariko iyo nzira iganisha mu bugingo. Bake bonyine nibo bayiyoboka. Ikibazo ni iki: Mbese wowe uri muri bake cyangwa uri mu benshi?”

Iyo arangije atanga ibindi bintu bibiri bishoboka: *“Mwirinde abahanuzi b’ibinyoma baza aho muri basa n’intama, ariko imbere ari amasega aryana. Muzabamenyera ku mbuto zabo. Mbese hari abasoroma imizabibu ku mugenge, cyangwa imbuto z’umutini ku gitovu? Nuko igiti cyiza cyose cyera imbuto nziza, ariko igiti kibi cyera imbuto mbi. Igiti cyiza ntikibasha kwera imbuto mbi, kandi n’igiti kibi ntikibasha kwera imbuto nziza. Igiti cyose kitera imbuto nziza kiracibwa,*

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

kikajugunywa mu muriro. Nuko muzabamenyera ku mbuto zabo.” (15-20)

Ubutumire bukomeye bukomeza butya: “Mbese uri umwigishwa nyakuri cyangwa uri uw’ikinyoma?” Yesu yigishije Umugani w’Amasaka n’Urukungu aho yavuze ko Ubwami bwe (Itorero) buzabamo uruvange rw’abigishwa nyakuri n’ababeshya ko ari bo (Matayo 13:24-30) Yanavuze ko tutazigera dushobora kubatandukanya. Ntabwo tugomba gutungurwa no kumva ubutumire bwe butubwira ibi bintu bibiri bishoboka by’abigisha nyakuri n’abandi batari bo.

Asubira ku rugero rw’itegeko karemano ryo mu isi y’umwuka aho avuga ko twamenya itandukaniro mu buzima bwacu cyangwa mu buzima bw’abandi, agira ati: “Igiti cyiza cyose cyera imbuto nziza. Ibiti bibi byera imbuto mbi. Igiti kibi ntabwo cyakwera imbuto nziza.” Ni muri ubwo buryo, “Igiti cyiza kitakwera imbuto mbi.” Ikibazo ni iki, uri giti cyiza cyangwa uri igiti kibi? Uri umwigishwa nyakuri cyangwa w’ibinyoma?

Ngaho noneho umva ibi: *“Umuntu wese umbwira ati ‘Mwami,*

Mwami’, si we uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka. Benshi bazambaza kuri uwo munsu bati “Mwami, Mwami, ntitwahanuraga mu izina ryawe, ntitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe, ntitwakoraga ibitangaza byinshi mu izina ryawe?’ Ni bwo nzaberurira nti ‘Sinigeze kubamenya, nimumve imbere mwa nkozi z’ibibi mwe.’” (7:21-23)

Aya ni amwe mu magambo atangaje cyane yo mu Isezzerano Rishya. Abigishwa ba Yesu bazavugaga amagambo ane batanga ubugenzuzi bw’ubuzima bwabo n’umurimo bakoze igihe bakurikiraga Umwami. Bazavugaga bati: “Twakoze Imirimo myiza myinshi!” Hanyuma Yesu azavugaga amagambo ane acira urubanza ubuzima bwabo n’umurimo bakoze. Azavugaga ati: “Mwa nkozi z’ibibi mwe!”

Icyiro cya gatatu cy’ibintu bishoboka muri ubu butumire bwa Yesu bugizwe n’amagambo akomeye ni iki, “Mbese uri mu bigishwa bavugaga gusa cyangwa uri mu bakora ibyo Data ashaka?” Ibi biganisha Yesu ku musozo mwiza w’ikiganiro cye gikomeye cyane. Uwo musozo ugira uti: *“Nuko umuntu wese wumva ayo magambo yanjye akayakomeza, azaba*

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

nk'umunyabwenge wubatse inzu ye ku rutare, imvura iragwa, imivu iratembera, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu ntiyagwa, kuko yari ishinzwe ku tutare. Kandi umuntu wese wumva ayo magambo yanjye ntayakomeze, azaba ari nk'umupfapfa wubatse inzu ye ku musenyi, imvura iragwa, imivu iratembera, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu iragwa, kandi kugwa kwayo kwabaye kunini.” (24-27)

Aya magambo ya Yesu asoza akomezamo ingingo ya y'ubutumire bwa Yesu yitwa “Abavuga gusa n'abashyira mu bikorwa.” Guhigwa kwa nyuma ni uko iyo umwigishwa wa Yesu yumvise iyi nyigisho ariko ntashyire mu bikorwa ibyo yumvise, nta rufatiro rw'ubuzima aba afite cyangwa urufatiro rwo kwizera kwe. Iyo ashize mu bikorwa ibyo yumvise, ubuzima bwe no kwizera kwe byubakwaga ku rufatiro rukomeye.

Ndamutse nguhaye urupapuro rwo gushushanyaho, nkaguhira irangi n'uburoso kandi uri umuhanzi ubifitiye impano, mbese washushanya iki nkubwiye ngo ushushanye “ubuzima”? Urubwiruko hari ubwo rwashushanya ishusho y'umusore urimo kurya no kunywa. Ababyeyi bo bahushushanya ikintu kigaragaza ubuzima bukomeye babayeho.

Yesu ntabwo yari umuntu w'ibintu byo kwinezeza cyangwa se w'umunyakababaro. Yari umunyakuri. Yigishije ko ubuzima bugizwe n'imiraba. Nta muntu utagerwaho n'imiraba y'ubuzima. Iyi miraba ikubita ku nzu zombi. Ariko ubuzima bwubakiye ku kuvumira inyigisho za Yesu nibwo butinda imiraba ariko ubuzima bwumva ijamba rye gusa ntiburyumvire ntabwo bubaho kandi ntibutinda. Ubwo buzima buragwa kandi kugwa kwabwo kuba kubi cyane! Ikibwiriza kiranagana n'ikibazo kigira kiti, “Wowe uri mwigishwa ki?”

Amagambo ya nyuma dusoma ni igisubizo cy'abantu batitabiriye ariko bari hejuru cyane y'umusozo kuburyo babonaga uko Yesu yigishaga. Ayo magambo ni: “*Yesu amaze kuvuga ayo magambo yose ba bantu batangazwa no kwigisha kwe, kuko yabigishaga nk'ufite ubutware, ntase n'abanditsi babo.*” (28-29)

Gusoza

Yesu aragutumira, nk'uko yatumiye abigishwa be, kugira ngo umubere igisubizo muri rubanda nyamwinshi batagira ibyiringiro bari mu mwijima. Soma ibi bice bitatu ubisubiramo

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

maze usabe Imana kugufasha kugira ngo udasobanukirwa gusa ahubwo wumvire kandi ushyire mu bikorwa inyigisho ze. Nurangiza “Usabe uzahabwa; ushake uzabona; ukomange ku rugi uzakingurirwa.” (Matayo 7:7)

Niba uhisemo kuba umuyoboze ndetse n’umwigishwa wa Yesu Kristo nyawe, ndagusaba ngo utwandikire utumenyeshe kugira ngo tukohereze ibindi bitabo byagufasha gukura mu kwizera. icyo nsaba Imana nuko yakoresha iki gitabo kugufasha no kugushoboza kuba umucyo umurika cyane aho Imana yagushyize.

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi

Agatabo #33: Ikibwiriza cyo ku Musozi